


REPUBULIKA Y'U RWANDA



UMWANA WANJYE ISHEMA RYANJYE

Twitegure Ishuri **3**

Igice cya gatatu



**INYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO**

“UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE”

Twitegure Ishuri-Igice cya gatatu

**Inyoborabarezi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato
rukorerera mu muryango**

© 2025 Imbuto Foundation, NCDA, REB & LODA

Biremewe gukoresha iyi mfashanyigisho mu nyungu za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, hatagamijwe ubucuruzi. Ni ngombwa kugaragaza nyirayo igihe cyose yifashishijwe. Uwifuza gutubura iyi mfashanyigisho asaba uruhushya NCDA, akamenyesha Imbuto Foundation

IJAMBO RY'IBANZE

Barezi, Babyeyi,

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni serivisi zikomatanijye zihabwa abana kuva bagisamwa kugeza bagize imyaka 6 ndetse n'ababarera. Abanyarwanda tubyumva vuba kuko mu mibereho yacu, kwita ku bana si bishya! Murabizi neza ko mu mucu wacu umugore utwite yubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kurinda ubuzima bwe n'ubw' umwana atwite.

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki cyiciro ni uko ari ho ubwonko bw'umwana bukura kandi ku rwego rwihuse. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ku myaka itatu (3) ya mbere y'ubuzima, imukurire y'ubwonko iba igezweho ku kigero cya 80%. Ni igihe cyo kwitondera kuko iyo umwana atitaweho muri icyo myaka bigora kuba wabigarura. Nyamara iyo yitaweho neza aba abonye ireme fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, yigirira icyizere, akarangwa n'imyitwarire myiza.

Mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato, abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije, batozwa gukina no gusabana n'abandi bana binyuze mu mikino yabugenewe ituma ubwonko bukanguka. Bategurwa kandi kwinjira mu cyiciro cy'amashuri abanza aho biga kuvugira mu ruhame, gusoma, kwandika n'ibindi.

Turasaba ababyeyi muri rusange gutanga umusanzu wabo muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato uko bashoboye bibuka neza ko *"Ak'imuhana kaza imvura ihise"*.

Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagaragaza mu bikorwa bitandukanye bya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato hagamijwe guhindura imibereho myiza y'Abanyarwanda, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo. Turusheho kwita ku bana bacu tubaha uburere bwiza buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere ari na byo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.



SHAMI Elodie

Umuyobozi Mukuru wa Imbutu Foundation



GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguriwe abarezi b'abana bato ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kunoza Serivisi Mbenezamukurire y'Abana Bato binyuze mu Rugo Mbenezamukurire rukorera mu rugo.

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni uruhurirane rwa serivisi zikomatanijye zihabwa umwana n'umubyeyi, kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu, hagamijwe imukurire myiza ye, mu bwenge, mu gihagarago, imikorere myiza y'umubiri, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

Imfashanyigisho zifite ireme ni umusingi w'ingenzi mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho yunganira ababyeyi/abarezi mu bikorwa bigamije gukangura ubwonko bw'umwana no kumutegura gutangira ishuri, hibandwa ku babyeyi bafasha mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu rugo, nubwo ishobora no kwifashishwa n'abarezi bo mu zindi Ngo Mbenezamukurire z'Abana Bato.

Guverinoma y'u Rwanda, mu cyerekezo 2050 ifite intego yo kubaka ubushobozi bw'umuturage binyuze mu guteza imbere ubumenyi no kugira ubuzima bwiza nk'umusingi w'iterambere rirambye.

Ni muri urwo rwego, Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana (NCDA) gishimishijwe no gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo yunganire abarezi mu ngo mbenezamukurire y'abana bato zikorera mu ngo.

Turashimira abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Imbutu Foundation, Banki y'Isi, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rwabo rukomeye mu gutegura iyi mfashanyigisho.

Turashimira kandi inzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi, bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu gihe cy'ubushakashatsi bwadufashije kumenya iby'ingenzi bikenewe iyi mfashanyigisho yashingiyeho.

Tuboneyeho kandi no gushimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byatumye iyi mfashanyigisho inozwa neza.

Turasaba abo igenewe kuyikoresha neza hagamijwe kuyibyaza umusaruro witezwe.



INGABIRE Assumpta
Umuyobozi Mukuru

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana- NCDA

ISHAKIRO

| | |
|--|------------|
| IJAMBO RY'IBANZE | ii |
| GUSHIMIRA | v |
| INTANGIRIRO | 1 |
| IBIKORWA BIKANGURA UBWONKO BW'UMWANA | 6 |
| UKWEZI KWA CYENDA | 6 |
| Insanganyamatsiko: Ibitanga urumuri | 6 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere | 8 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri | 24 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu | 34 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane | 42 |
| UKWEZI KWA CUMI | 52 |
| Insanganyamatsiko: Ibitwara abantu n'ibintu | 52 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere | 53 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri | 66 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu | 75 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane | 84 |
| UKWEZI KWA CUMI NA KUMWE | 94 |
| Insanganyamatsiko: Itumanaho | 94 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere | 95 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri | 109 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu | 118 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane | 127 |
| UKWEZI KWA CUMI NA KABIRI | 137 |
| Insanganyamatsiko: Iminsi mikuru | 137 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere | 139 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri | 149 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu | 154 |
| Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane | 161 |
| IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO | 168 |
| URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO | 172 |

IMPINE ZAKORESHEJWE

| | |
|----------------------------|---|
| ADEPE | : Association pour le Development du Peuple |
| ECD | : Early Childhood Development. (Imbonezamikurire y'Abana Bato) |
| FXB-Sugira Muryango | : François Xavier Bagnoud-Sugira Muryango |
| IEE | : Inspire Educate Empower. |
| LODA | : Local Administrative Entities Development Agency. (Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze) |
| MIGEPROF | : Ministry of Gender and Family Promotion (Minisiteri y'uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango) |
| NCDA | : National Child Development Agency (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana |
| NESA | : National Examination and School Inspection Authority (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri) |
| RBC | : Rwanda Biomedical Center (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima) |
| REB | : Rwanda Basic Education Board. (Urwego rw' Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze) |
| RWAMREC | : Rwanda Men's Resources Center. |
| VUP | : Vision 2020 Umurenge Program |

INTANGIRIRO

a. Ubushobozi buzaranga umwana wakanguwe ubwonko binyuze muri Gahunda y'Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango

Inyoborabarezi "Twitegure ishuri"- Igice cya gatatu, igenewe abarezi b'abana bato barerera mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango, yateguwe ishingiyeye ku nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke (imyaka 3-6) yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ku buryo umwana uzaba wanyuze muri iyi gahunda azaba yarakanguwe ubwonko, afite ubushobozi bugaragaza ko yiteguye gutangira ishuri.

Azaba arangwa n'ubushobozi bukurikira:

- Kugaragaza ko asobanukiwe n'ibidukikije n'uruhare rwe mu kubyitaho no kubirengera;
- Kugaragaza ubushobozi bw'ibanze mu mibare bujyanye n'ikigero cy'abana bato kandi bumutegura gutangira ishuri;
- Kugira uruhare mu gufata neza ibyumviro bye; gukora no guhuza imiyego inyuranye y'ingingo nto (ibiganza) n'ingingo inini (amaboko n'amaguru); kwiyitaho yisukura we ubwe, yiyambika, no kugira uruhare mu kwirinda indwara arangwa n'umuco wo guharanira ubuzima bwiza muri rusange;
- Kugaragaza ubushobozi bwo guhanga ashushanya, abumba, yubaka, abyina, aririmba akoresheje ibikoresho biboneka aho batuye.
- Kugaragaza ko yateye imbere mu bushobozi bw'ibanze mu rurimi kavukire (Ikinyarwanda) mu birebana no kumva (kumva inkuru asomewe agasubiza ibibazo), kuvuga (kwisobanura yifashishije amagambo mashya agenda yunguka kandi arushaho no kuyavuga neza), gusoma (gusoma amashusho; gutahura inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda) ndetse no kwandika (kubaka, kubumba, no kwandika inyuguti nkuru zigize itonde ry'Ikinyarwanda mu cyapa).
- Kugaragaza imyitwarire yerekana ko azi gutandukanya icyiza n'ikibi agendeye ku mabwiriza ahabwa n'abarezi, yirinda cyane ibyateza impanuka.
- Kwishimira uko ameze, n'uko abandi bameze kandi akabana na bo mu mahoro;
- Gusabana n'abandi no gukorera mu matsinda;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu kwimenya no kwigirira icyizere;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu gutekerezanya ubushishozi, guhanga ibishya no gukemura ibibazo.

b. Imiterere y'inyoborabarezi

- Ibikorwa biteganijwe muri iyi nyoborabarezi biteguye mu gihe cy'amezi ane (4) mu mezi 12 agize na gahunda y'ibikorwa mu Ngo Mbonezamikurire y'Abana Bato zikorera mu muryango, itangirana n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri).
- Inyoborabarezi yubakiye ku nsanganyamatsiko cumi n'ebyiri (12) ziteganywa mu nteganyanyigisho yateguwe yo mu mashuri y'inshuke ishingiyeye kubushobozi n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB). Buri nsanganyamatsiko igenderwaho mu gutegura ibikorwa by'ukwezi. Muri iki gice cya gatatu, ibizibandwaho bikubiye mu nsanganyamatsiko enye (4) zikurikira:
 - Ibitanga urumuri
 - Ibitwara abantu n'ibintu
 - Itumanaho
 - Iminsi mikuru
- Inyoborabarezi igendera kuri gahunda y'ukwezi kugizwe n'ibyumweru 4. Ugendeye ku ndangaminsi (karendari), hari iminsi igenda isaguka itabariye mu byumweru 4. Iyo minsi izifashishwa mu kuziba icyuho giterwa n'iminsi y'ikiruhuko (konji) no gusubiramo ibikorwa umurezi asanga abana bataragiramo ubushobozi buhagije.
- Iteguye ku buryo igaragaza ibikorwa bya buri cyumweru igenda iyobora umurezi isaha ku yindi uko azayobora ibikorwa, kuva yakira abana saa moya n'igice kugeza batashye saa sita.
- Iyi nyoborabarezi ntigaragaza inyigisho za buri mwaka kuko mu rugo mbonezamikurire hahurira abana 15 bafite imyaka itandukanye hagati y'imyaka 2.5 (amezi 30) n'imyaka 6. Kuri buri inyigisho, inyoborabarezi iteganya ubumenyi n'ubushobozi bw'ibanze bukenewe mu gutegura umwana gutangira amashuri abanza, uhereye ku nyigisho z'umwaka wa mbere ujya ku ziteganyijwe mu mwaka wa gatatu w'uburezi bw'inshuke.
- Inyoborabarezi iteguwe mu buryo bworoheye umurezi binyuze mu mvugo, mu ngero, n'ikoreshwa ry'amashusho.
- Ibikorwa bya buri cyumweru birangwa n'ibara ryihariye kugira ngo byorohere umurezi gutandukanya ibikorwa. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igisobanuro cya buri bara:

| Ibara | Igisobanuro |
|-------|---|
| | Ibikorwa byo mu cyumweru cya mbere |
| | Ibikorwa byo mu cyumweru cya kabiri |
| | Ibikorwa byo mu cyumweru cya gatatu |
| | Ibikorwa byo mu cyumweru cya kane |
| | Ibikorwa bihorahe igihe cyose kuri iyo saha cyangwa bizamara ukwezi |

Icyitonderwa: Umurezi arasabwa gukurikiranya ibyumweru uko biteguye.

- Isuzuma ry'intambwe umwana agezeho riteganyijwe mu mpera za buri cyumweru: hateguwe ingero z'ibibazo umurezi yabaza abana ndetse n'ibisubizo byabyo aho biri ngombwa.

c. Ingegabihe

Ibikorwa bikubiye mu nyoborabarezi byateguwe hashingiwe ku ngengabihe y' Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) igenewe icyiciro cy'inshuke, hiyongereyeho umwihariko w'amashusho aranga buri gikorwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| Igihe | Igikorwa | Ishusho |
|-----------|----------------------|--|
| 7.30-8.00 | Ikaze ku ruziga |  |
| 8:00-8:30 | Tumenye ibidukikije |  |
| 8:30-8:50 | Tunozze Ikinyarwanda |  |
| 8:50-9:20 | Nkunda Imibare |  |

| Igihe | Igikorwa | Ishusho |
|-------------|--------------------------------------|--|
| 9:20-9:30 | Twite ku buzima bwacu |  |
| 9:30-10:00 | Dusangire |  |
| 10:00-10:30 | Dukinire hanze |  |
| 10:30-10:50 | Muze Dusome/Duce imigani/Dusakuze |  |
| 10.50-11:30 | Inguni nkunda |  |
| 11:30-11:50 | Duhange |  |
| 11:50-12:00 | Gusezeranaho ku ruziga |  |

d.Inama zirebana n'imirungire idahera y'aho abana bahererwa serivisi

- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba hari isuku, urumuri n'umwuka bihagije.
- Tegura icyumba wita ku bana bakeneye ubufasha bwihariye. Ibikoresho n'imfashanyigisho uri bukenere habe harimo izo wabateguriye.

- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba nibura umusambi abana bicaraho, aho bakorera imikino yo mu nguni z'ibikorwa, n'aho bakorera ibikorwa byo ku ruziga.
- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba ari ahantu hatuje kandi hatekanye.
- Shyiraho amategeko agenga imyitwarire myiza abana bazagenderaho.
- Genzura imikoreshereze y' ubwiherero, umutekano n'isuku yabwo.


e. Inama zirebana no kuyobora abana bari mu cyiciro cy'imyaka itandukanye, harimo n'abafite ubumuga mu bikorwa byo gukangura ubwonko

- Hinduranya uburyo bwo kwigisha no gutanga imyitozo ukurikije imyaka abana bafite.
- Tegura mbere y'igihe imfashanyigisho uri bukenere kandi wibuke gushyiramo izigenewe abana bafite ubumuga niba bahari.
- Teganya ibikorwa bisaba ubufatanye hagati y'abana abato n'abakuru.
- Korera abana isuzuma ugendeye ku myaka n'ubushobozi bwabo: hari imyitozo ishobora korohera abana bakuru (imyaka 5-6) ikagora abato bagitangira (imyaka 3-4).
- Imyitozo yo kwandika inyuguti n'imibare hakoreshejwe ikaramu igenewe abana bafite imyaka 5 kujyana hejuru gusa.
- Menya buri mwana: imiterere ye, ibyo akunda n'ibyo yanga, ibikorwa akunda, impano ze, aho agaragaza imbaraga nke, kandi ufatanye n'ababyeyi be/abamurera gushakira hamwe uko mumufasha aho bikenewe.
- Shimira abana igihe cyose bubahirije amabwiriza wabahaye.
- Koresha imyitozo yo gufasha abana bafite ubumuga n'abafite ikibazo cy'idindira mu mikurire.

Insanganyamatsiko: Ibitanga urumuri

Ibitanga urumuri kamere

Izuba



Ukwezi



Inyenyeri




Ibitanga urumuri byakozwe n'abantu



Isitimu



Agatadowa



Ikibiriti



Iziko rikoresha
Peterori



Itara
ry'amashanyarazi



Buji



Itara rya
peterori

Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa **cyenda** bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa "**Ibitanga urumuri**" igamije gufasha umwana gutandukanya ibitanga urumuri kamere n'ibikorwa n'abantu, kumenya igihe bimurikira no kwirinda impanuka zishobora gutezwa na bimwe mu bitanga urumuri.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha) **Indirimbo:** *Tumenye, ibidukikije.*

Kwitegereza ibitanga urumuri kamere: Izuba (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Jyana abana igihe izuba ririmo kwaka hanze bakore uruziga.
- Saba abana kwitegereza mu kirere.
- Babaze ibibazo bibayobora:
 - ✓ “Ni iki mubona mu kirere?” Turahabona izuba.
 - ✓ Ese izuba ritumariye iki? Izuba rituma tubona, rituma imyenda yuma.
 - ✓ Izuba ritumurikira ku manywa.
- Saba abana guhagarara ku zuba hanyuma ubabaze kumva uko bamerewe niba bumva bashyushye cyangwa bakonje.
- Bwira buri mwana kwitegereza ishusho y'igicucu cye mu merekezo atandukanye: arambuye amaboko, arambuye ikiganza cye, yunamye.
- Baza ikibazo gikurikira: “Igicucu cyawe kimeze gute iyo urambuye amaboko n'ibiganza byawe?”
- Shimira abana ko bitwaye neza.

Icyitonderwa: Bwira abana ko atari byiza kureba mu zuba. Murakoze kuba mwize kandi mwakoranye nanjye uyu munsi!"

Kwitegereza amashusho y'ibitanga urumuri kamere (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatatu)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana ibitanga urumuri kamere.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho y'ibitanga urumuri kamere.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
Urugero: Ndabona izuba, ukwezi n'inyenyeri.
- Shimira abana ubaha uturabo.
- Bwira abana amazina y'ibitanga urumuri kamere n'akamaro kabyo:
Izuba, ukwezi n'inyenyeri ni ibitanga urumuri byaremwe n'Imana. Ni yo mpamvu byitwa ibitanga urumuri kamere. Izuba rimurika ku manywa naho ukwezi n'inyenyeri bikamurika n'ijoro.
- Saba buri mwana gusubiramo amazina y'ibitanga urumuri kamere n'igihe bitumurikira.
- Fatanya n'abana gushimira buri mwana usubije mumuha amashyi muvuga muti: Urakoze ni byiza.
- Shimira abana bese ubakomera amashyi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru wifashishije ibi bibazo:

1. Vuga amazina y'ibitanga urumuri kamere twize? **Igisubizo: izuba, ukwezi n'inyenyeri.**
2. Izuba rimurika ryari? **Igisubizo: ku manywa.**
3. Ukwezi kumurika ryari? **Igisubizo: n'ijoro.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti: ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwusomera no kuwutoza abana.

Umuvugo: Warakoze Mana

Reka ngushimire Mana

Waduhaye izuba,

Izuba rituma tubona urumuri,

Izuba ryumisha imyenda yacu

Izuba ryumisha imyaka

Waduhaye ukwezi n'inyenyeri,




bitumurikira iyo bwije.

Warakoze Mana.

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Baza abana ibibazo bibafasha gusobanukirwa umuvugo: izuba ritumariye iki? Ukwezi kutumariye iki?
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo mu matsinda y'abana bane bane kandi urebe ko buri mwana asubiramo.
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Guhuza inyuguti ya "a" ntoya na "A" nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya "a" ntoya na "A" nkuru abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya "a" ntoya na "A" nkuru.
- Tondeka udukarita ku mukeka tuvangavanze, mu nyuguti nkuru higanzemo inyuguti A nkuru ugende usigamo umwanya hagati y'ikarita n'indi.
- Shyira ku ruhande udukarita twanditseho inyuguti ya "a" ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya A nkuru na a ntoya
- Tanga urugero ufate ikarita ya "a" ntoya uyishyire iruhande rw'inyuguti ya A nkuru.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.

- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya “a” ntoya na **A** nkuru ufashe abafite ingorane.
- Fatanya n’abana gushimira buri mwana wese usubije mumuha amashyi muvuga muti: Urakoze ni byiza.

Kwandika inyuguti ya a ntoya: Ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b’imyaka 5)

- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **a** ntoya mu tudomo n’amakaramu y’igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **a** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y’igiti, bandike inyuguti ya **a** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **a** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **a** ntoya n’amakaramu y’igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti a ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti **a** ntoya bigana iziri mu makayi yabo





- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **a** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya “b” ntoya na B nkuru akoresheje amakarita y’inyuguti (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya “b” ntoya na **B** nkuru abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya **b** ntoya na **B** nkuru.

- Tondeka udukarita ku mukeka tuvangavanze, mu nyuguti nkuru higanzemo inyuguti ya **B** nkuru, ugende usigamo umwanya hagati y'ikarita n'indi.
- Shyira ku ruhande udukarita twanditseho inyuguti ya **b** ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya **B** nkuru na **b** ntoya
- Tanga urugero ufata ikarita ya **b** ntoya uyishyire iruhande rw'inyuguti ya **B** nkuru.



Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.

- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya **b** ntoya na **B** nkuru ufashe abafite ingorane.
- Shimira abana bose uvuga uti: Murabikoze ni byiza cyane.

Kwandika inyuguti ya b ntoya : Ku wa kane(Uyu mwitoto ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi yanditseho inyuguti ya **b** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **b** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **b** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **b** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditseho inyuguti ya **b** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti **b** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **b** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **b** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa gatantu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose nk'uko bazize zose.
- Tegura udukarita twinshi turiho inyuguti ya **a** na **b** ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya **A** nkuru, iyi ni inyuguti ya **a** ntoya, iyi nyuguti ni **b** ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina y'inyuguti.
- Shimira abana bose uvuga uti: aya mashyi ni ayanyu.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka inyuguti **a** na **b** ntoya.
- Genzura ko abana bazi guhuza inyuguti ntoya **a** na **b** n'inyuguti nkuru **A** na **B**.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

- Bwira abana ko bagiye kubara mu ndirimbo kuva kuri rimwe kugeza ku icumi;
- Saba abana babiri babiri bahagarare barebana;
- Babwire ko, uko bavuze umubare ari ko bahuza ibiganza babinyuranyije.
- Erekerabana uko babigenza.

Kugereranya ibintu 3

Gutondeka uhereye ku kintu kijyamo ibintu bike cyane (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Tegura ibintu bijyamo ibintu byinshi, ibike n'ibike cyane biri aho hafi : akajerekani gato cyane, akajerekani gato, ijerekani nini, igikombe gito cyane, igikombe gito, igikombe kinini, akadobo gato cyane, akadobo gato, indobo nini n'ibindi.
- Tanga urugero utondeke ibintu 3 muri ubu buryo. Urugero : banza **akajerekani gato cyane**, ukurikizeho **akajerekani gato**, ukurikizeho **ijerekani nini**.



- Hereza abana ibikoresho wateguye
- Saba abana bose gukora umwitozo wo gutondeka ibintu 3 bitandukanye bahereye ku kijyamo bike cyane.
- Fasha abana ubona bagaragaza imbogamizi mu gukora uyu mwitozo.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti : Aya mashyi ni ayanyu.

Gutondeka uhereye ku kintu kijyamo ibintu byinshi (ku wa kane no ku wa Gatatu)

- Tegura ibintu bijyamo ibintu byinshi, ibike n'ibike cyane biri aho hafi : ijerekani nini, akajerekani gato, akajerekani gato cyane ; igikombe kinini, igikombe gito, igikombe gito cyane ; indobo nini, akadobo gato, akadobo gato cyane n'ibindi.

- Tanga urugero utondeke ibintu 3 muri ubu buryo : banza **ijerekani nini**, ukurikizeho **akajerekani gato**, ukurikizeho **akajerekani gato cyane**.



- Hereza abana ibikoresho wateguye
- Saba abana bese gukora umwitozo wo gutondeka ibintu 3 bahereye ku kijyamo byinshi.
- Fasha abana ubona bagaragaza imbogamizi mu gukora uyu mwitozo.
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti : Uturabo, uturabo, uturabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru :

- Koresha imyitozo yo gutondeka uhereye kukijyamo bike n'imyitozo yo gutondeka uhereye ku kijyamo byinshi ugenzure ko abana babimenye.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye.

Kwirinda impanuka ziterwa n'izuba

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga impanuka zishobora guterwa n'izuba.
- Bwira abana ibikorwa byangiza amaso yabo bitewe n'izuba:
 - ✓ Kureba mu zuba.
 - ✓ Kwirinda gusomera igitabo cyangwa kwandikira ku zuba.
 - ✓ Gukinira ku zuba ryinshi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ikibazo gikurikira:

- Kubera iki atari byiza kureba mu zuba? **Igisubizo:** kureba mu zuba ni bibi kuko byangiza amaso yacu?



9: 30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Gukina imikino abana bihitiyemo: (Iminsi yose kuri iyi saha)
- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Tegura ibikinsho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinsho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Kurikiranira hafi ibyo bakina uko bakina kandi ukine na bo.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana, badahutazanya, batamwazanya.
- Shishikariza abana bese gukina.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/Gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)


Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Gusoma umugani “Zuba, Nyenyeri na Kwezi”:

- Itegure ubanze usome umugani, uwumve mbere yo kuwusomera abana
- Saba abana kwicara ku gice cy’uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana uko umugani mugiyeye gusoma witwa: **Umugani wa Zuba , Nyenyeri na Kwezi.**
- Somera abana umugani ukurikira inshuro 2, wifashishije amashusho n’inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Umugani wa Zuba , Nyenyeri na Kwezi

KERA HABAYEHO ZUBA, NYENYERI NA KWEZI BAKABA ABANA BAVUKANA. BIBERAGA MU KIRERE KANDI BARI BABANYE NU MUHARO.



UMUNSI UMWE, BITEGEREZA KU ISI BABONA ABANTU BATISHIMYE KUBERA KO NIJORO UMWIJIMA WATUMAGA BATABONA NEZA BAGENDA BAGASITARA.




KU MANYWA BAKWANIKA IMYAKA NTIYUME,



BAMESA IMYENDA YABO NA YO NTIYUME.




NUKO BARICARA BAJYA INAMA MAZE BAGABANA IMIRIMO BAZAKORA KUGIRA NGO ABANTU BISHIME.




NYENYERI NA KWEZI BIYEMEZA KUJYA BAMURIKIRA ABANTU NIJORO.



ZUBA WE YIYEMEZA KUZAJYA AMURIKIRA ABANTU KU MANYWA, AKUMISHA IMYAKA N'IMYENDA IGIHE BAYIMESHE.



NUKO GUHERA UBWO ABANTU BARISHIMA BASHIMIRA IMANA YAREMYE ZUBA, NYENYERI NA KWEZI.



SI NJYE WAHERA HAHERA UMUGANI.

Kera habayeho Zuba, Nyenyeri na Kwezi bakaba abana bavukana. Biberaga mu kirere kandi bari babanye mu mahoro. Umunsi umwe, bitegereza ku isi babona abantu batishimye kubera ko nijoro umwijima watumaga batabona neza bagenda bagasitara, ku manywa bakwanika imyaka ntiyume, bamesa imyenda yabo na yo ntiyume. Nuko baricara bajya inama maze bagabana imirimo bazakora kugira ngo abantu bishime. Nyenyeri na Kwezi biyemeza kujya bamurikira abantu nijoro. Zuba we yiyemeza kuzajya amurikira abantu ku manywa, akumisha imyaka n'imyenda igihe bayimeshe. Nuko guhera ubwo abantu barishima, bashimira Imana yaremye Zuba, Nyenyeri na Kwezi. Si nnye wahera hahera umugani.

Gusubiza ibibazo ku mugani “Zuba, Nyenyeri na Kwezi” :

Baza abana ibibazo bikurikira:

1. Ni bande bavugwa muri uyu mugani? **Igisubizo: Abantu, Zuba, Nyenyeri na Kwezi**
2. Ni iki cyatumaga abantu batishima? **Igisubizo: Ni uko nijoro umwijima watumaga batabona neza bagenda bagasitara, ku manywa bakwanika imyaka ntiyume, bamesa imyenda yabo ntiyume.**




10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni enye (4).

Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere, mu gitabo cya mbere.



Gutegura inguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho bitandukanye ubishyire mu nguni enye (4) : inguni yo guhanga no kubaka, inguni y'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

- Tegura ibikoresho bitandukanye ubishyire mu nguni enye :
 - ✓ **Mu nguni yo guhanga no kubaka:** hashyire utubuye, uduki, uducupa, imifuniko y'amacupa, uduce tw'urudodo, imigozi y'ibirere, impapuro, ibumba niba rihari amakaramu y'ibiti n'ibindi.
 - ✓ **Mu nguni y'imibare:** hashyire udukarita tw'imibare, udukarita tw'ibidomo,

udutambaro tw'amabara atandukanye, uducupa tunini n'uduto, ibikombe birutana mu bunini, ibibabi binini n'ibito, utubuye, uduti dufite uburebure butandukanye....

✓ **Mu nguni y'imikino yigana:** Hashyire ibikinisho by'imodoka, uducupa, ibikombe, byavuyemo amavuta yo kwisiga, utujerekani twashizemo amavuta, ibipupe, uduce tw'utubaho, ibivovo, ibitambaro n'ibindi. Abana ubwabo bashobora kwishakira ibikinisho bitewe n'icyo bashaka gukina.

✓ **Mu nguni y'ururimi:** hashyire amakarita ariho imirongo ihagaze, itambitse n'iberamye, udukarita turiho inyuguti zigize itonde ry'inyuguti (inkuru n'intoya), uduce tw'udukarito tutanditseho, amakaramu y'igiti, udukarita t.

- Saba buri mwana ajye mu nguni ashaka.

Gukinira mu Nguni

- Ha abana urubuga bakinishe bya bikoresho uko babyumva.
- Shishikariza abana gusaranganya ibyo bikoresho.
- Gendagenda mu matsinda ubaza abana ibyo barimo gukora kandi ushishikarize bose gukora, tanga ubufasha aho bukenewe.
- Reka abana bakinire mu itsinda mu gihe k'iminota igera ku icumi
- Koma amashyi gatatu nk'ikimenyetso cyo guhinduranya inguni. (Buri nguni bayimaramo iminota icumi).Niba hari umwana ushaka kuguma mu nguni imwe bimwemerere azahindure undi muni.

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

- ✓ Saba abana gushyira ibyo bakoresheje ahabugenewe no gusukura aho bakiniye.
- ✓ Soza igikorwa ushimira abana bose.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Reba ko abana basangira ibikinisho, batabyangiza basubiza ibibazo babajijwe , bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Indirimbo ivuga ku bitanga urumuri

Kuririmba indirimbo : Dore akazuba keza (buri muni kuri iyi saha)

- Itegure ubanza kwitoza kuririmba neza indirimbo “**Dore akazuba keza**” mbere yo kuyigisha abana.

Indirimbo: Dore akazuba keza

1. *Dore akazuba keza, k' i Burasirazuba*

Karaye karigenda

none dore ngako

karahingutse.

2. *Umenya kataryama,*

Nta roro nkabonana

Nta butuna gafite

cyangwa se iyuhagiye mu maso.

3. *Uwanyereka iriba*

Kiyuhagiriramo

Nagenda nkarivoma

amazi nkayiyuhagira hose.

- Jyana abana hanze ku buryo niba bishoboka baririmba babona n'izuba.
- Ririmba indirimbo yose mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Fasha abana gusobanukirwa amagambo amwe ari mu ndirimbo mbere yo gusubiramo:
Iyo umuntu abyutse atarakanguka neza bavuga ko afite iroro. Aba kandi afite utuntu ku maso twitwa ubutuna. Ereka abana ku maso aho dusanga ubutuna unababwire ko iyo umuntu akarabye mu maso mu gitondo agomba gukuraho ubutuna.
- Ririmba agace/interuro ya mbere, abana basubiremo mu matsinda mato kandi urebe ko buri mwana asubiramo.
- Komeza utyo ku nteruro/duce twose tw'indirimbo.
- Fasha abana bafite imbogamizi mu kuririmba iyi ndirimbo.
- **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

Genzura ko abana bashobora kuririmba indirimbo “**Dore akazuba keza**” ubafashije kandi basobanukiwe n'indirimbo.

Gushushanya izuba (Ku wa kane no ku wa gatanu)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya izuba.
- Genzura ko buri mwana arimo gushushanya izuba.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Gushushanya amashusho y' igicucu

- Hitamo umunsi izuba ryavuye kuburyo ibicucu bigaragara neza.
- Tegura ibikoresho byo gushushanya hasi ushobora kubona aho utuye: ingwa, amakara cyangwa uduzi.
- Bwira abana ko baza gukorera mu matsinda ya babiri babiri mu gukora amashusho y'ibicucu .
- Saba umwana umwe ahagarare hanyuma mugenzi we ashushanye igicucu cye anyuza ikara, ingwa cyangwa agati ku muzenguruko w'igicucu.
- Ongera usabe umwana umaze gushushanya nawe ahagarare noneho mugenzi we nawe ashushanye igicucu cye.
- Shimirira abana igikorwa bamaze gukora.

Gushushanya ukwezi (ku wa Kane)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya izuba.

Gushushanya inyenyeri (ku wa Gatanu)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya izuba.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Kwitegereza ibitanga urumuri byakozwe n'abantu

- Shyira hamwe ibitanga urumuri byakozwe n'abantu biboneka aho mutuye (nk'itoroshi, buji, ikibiriti, telefoni).
- Bitwikirize umufuka cyangwa umwenda kugirango batabibona. Ugenzure ko ahantu abana bicaye ari heza kandi bicaye bakoze uruziga.
- Bwira abana ko uyu munsi bakina umukino wo gutahura ibitanga urumuri byakozwe n'abantu batabireba, maze ubabaze niba hari uzi ibitanga urumuri bikoreshwa mu rugo iwabo.
- Twikurura ibikoresho bitanga urumuri hanyuma ubyereke abana.
- Saba abana kuvuga amazina ya buri gikoresho gitanga urumuri.
- Ongera utwikire ibikoresho bitanga urumuri
- Saba umwana guhaguruka akaza akanyuza ukuboko munsi y'umufuka cyangwa umwenda afate igikoresho atakireba agikuremo avuge izina ryacyo
- Shimira abana kuba babigizemo uruhare.



Kwitegereza amashusho y'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana ibitanga urumuri byakozwe n'abantu (Reba mu ntangiro y'ukwezi kwa 9).
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho y'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
Urugero: Ndabona itara, itoroshi, agatadowa, itara ry'amashanyarazi, ...
- Bwira abana amazina y'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu.
- Baza abana akamaro ka buri kintu gitanga urumuri cyakozwe n'abantu.
Urugero: ikibiriti tugicanisha umuriro.
- Baza abana aho bakura ibitanga urumuri nibibagora ubafashe.
Urugero: tubigura ku isoko.
- Bwira abana ko ibitanga urumuri byakozwe n'abantu bisaza cyangwa bigashira tukagura ibindi naho ibitanga urumuri kamere byaremwe n'Imana ntibisaza cyangwa ngo bishire.
- Saba buri mwana kwerekana mu nyoborabarezi amashusho byibura 3 y'ibitanga urumuri bikorwa n'abantu no kuvuga izina ryabyo.
- Fatanya n'abana gushimira buri mwana utanze igisubizo mumuha amashyi muvuga muti: Urakoze ni byiza
- Koresha uwo mwitoto abana bose, ufashe abafite imbogamizi mu kuwukora.
- Shimira abana bose ubakomera amashyi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibi bibazo:

1. Vuga amazina y'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu twize? **Igisubizo: itoroshi, ikibiriti, itara rya peterori, agatadowa, amashanyarazi.**
2. Ni ibihe bitangarumuri bikorwa n'abantu mubona iwanyu (**Reka buri mwana asubize**)
3. Vuga akamaro k'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu? **Igisubizo: bitanga urumuri.**
4. Ni ibiki tugomba kwirinda kugira ngo tudahura n'impanuka ziterwa n'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu?



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha).

Indirimbo: itonde ry'inyuguti.ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)



Umuvugo: *Warakoze Mana.*

- ✓ Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- ✓ Genzura ko abana bashoboye kuvuga umuvugo bakurukiranya amagambo n'interuro.

Guhuza inyuguti ya c ntoya na "C" nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (ku wa Mbere)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya **a ntoya** na **A nkuru** mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya c ntoya: Ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **c ntoya** mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **c ntoya** mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **c ntoya** mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **c ntoya** ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.




- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **c** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **c** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **c** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **c** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya d ntoya na D nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (ku wa Gatatu)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya **a** ntoya na **A** nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya d ntoya: Ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **d** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **d** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **d** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **d** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **d** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti **d** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti d ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **d** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita twinshi turiho inyuguti ya a, b, c d ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose. Urugero: Vuga ngo iyi ni inyuguti ya B nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya, iyi ni inyuguti c ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina y'inyuguti.
- Shimira abana bose ubakomera amashyi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko abana bose bazi kubaka inyuguti **c** na **d** ntoya.
- Genzura ko abana bazi guhuza inyuguti **c** na **d** ntoya n'inyuguti **C** na **D** nkuru.



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Iminsi y'icyumweru (Kuwa ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Kuvuga umuvugo w'iminsi y'icyumweru
- Itegure usoma umuvugo mbere yo kuwusomera abana :

Umuvugo : Mbega umutako mwiza !

Ku wa Mbere nashushanyije inyenyeri imwe.

Ku wa Kabiri nshushanya inyenyeri ya kabiri

Ku wa Gatatu nshushanya inyenyeri ya gatatu

Ku wa Kane nshushanya inyenyeri ya kane

Ku wa Gatanu nshushanya inyenyeri ya gatanu

Ku wa Gatandatu nshushanya inyenyeri ya 6

Ku Cyumweru nshushanya inyenyeri ya 7

Nzisiga amabara meza inyenyeri 7

Ntegura umutako w'inyenyeri 7

Mbega umutako mwiza weeeee !

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze, mama shenge weee!

Gutahura igikorwa kijyanye n'umunsi w'icyumweru (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

- Baza abana izina ry'uwo munsi. Urugero: uyu munsi ni ku wa kangahe?

Igisubizo: Uyu munsi ni ku wa

- Bwira abana iminsi y'icyumweru ko ari 7.
- Ibuka kubabaza buri munsi, izina ry'umunsi bagezeho.

Icyitonderwa: kuvuga izina ry'umunsi bikorwa umwaka wose.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho buri munsi ubaza abana uti :

1. Ejo hashize hari ku wa kangahe ?
2. Uyu munsi ni ku wa kangahe ?
3. Ejo azaba ari ku wa kangahe ?



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Kwirinda impanuka ziterwa n'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga impanuka zishobora guterwa n'ibitanga urumuri byakozwe n'abantu.
- Bwira abana ibikorwa bagomba kwirinda kuko biteza impanuka:
 - ✓ Gukina na buji.
 - ✓ Gukora ku bintu biteretse ku ziko.
 - ✓ Gukina n'umuriro wo mu ziko
 - ✓ Gukina n'amashanyarazi baseseka utwuma aho bacomeka ibyuma bikoreshwa n'amashanyarazi.
 - ✓ Gukina n'intsinga z'amashanyarazi



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa cyangwa byateza impanuka
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo itandukanye nko gusimbuka umugozi, gukina n'umupira, kwiruka basiganwa, n'ibindi kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana, badahirikana, batabuza abandi gukina cyangwa ngo biharire ibikinisho...
- Shishikariza abana bese gukina. Ntihagire uwigunga / uwiheza
- Kina na bo, ugenzure uko bakina
- Batoze gukina batiyanduzwa cyangwa ngo bangize ibikinisho, ibidukikije cyangwa ngo na bo babe bavunika, bakomereka (bakoreshe imbaraga zitari umurengera)



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma

Gusoma umugani no gusubiza ibibazo

- Ongera usomere abana umugani wa **Zuba, Nyenyeri na Kwezi.**
- Baza ibibazo bikurikira, usabe abana basubize umwe umwe. Mu cyumweru abana bese bazabe bashobora gusubiza neza ibi bibazo.
 1. Nyenyeri na Kwezi biyemeje iki? **Igisubizo: Nyenyeri na Kwezi biyemeje kujya bamurikira abantu n'ijoro.**
 2. Zuba yiyemeje iki? **Igisubizo : Zuba yiyemeza kuzajya amurikira abantu ku manywa, akumisha imyaka n'imyenda yameshwe.**

3. Ni inde abantu bashimiye? **Igisubizo: Ni Imana**
4. Kubera iki abantu bashimiye Imana? **Igisubizo: Kubera ko yaremye Zuba, Nyenyeri na Kwezi.**



10 :50- 11 :30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange.*

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

Indirimbo : Dore akazuba keza

- Ririmba indirimbo yose.
- Saba abana kuririmba indirimbo bose hamwe.
- Saba abana kuririmba mu matsinda mato.
- Ibuka kugenzura niba abana bashobora kuririmba iyi ndirimbo utabafashije cyane bakurikiranya neza amagambo n'interuro.
- Komeza gufasha abana bafite imbogamizi kurusha abandi.

Gushushanya itoroshi (Ku wa Gatatu)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya itoroshi.
- Genzura ko buri mwana arimo gushushanya itoroshi, ufashe abafite imbogamizi mu gukora iki gikorwa.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimira abana bose uvuga uti: "Murabikoze, ni byiza!

Gushushanya buji: (Ku wa Kane)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya itoroshi.

Gushushanya ikibiriti: (Ku wa Gatatu)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya itoroshi.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Umukino wo gushyira ishusho aho yavuye

- **Umukino wa mbere:** Ibitanga urumuri karemano.

Gutegura ibikoresho

- Tegura ibikarito bibiri, urwembe cyangwa umukasi, ikaramu cyangwa marikeri.
- Fata igikarito kimwe, shushanyaho izuba, ukwezi n'inyenyeri hanyuma ubikate.
- Rambura igikarito cya kabiri, fata buri gishushanyo ukirambike hejuru y'ikarito ugende unyuza ikaramu cyangwa marikeri inyuma y'igishushanyo kuburyo ubona ishusho y'igitanga urumuri warambitse hejuru.

Gukina umukino wo guhuza amashusho

- Shyira abana ku ruziga
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo guhuza mashusho y'ibintu bitanga urumuri
- Rambura ikarito iriho amashusho y'ibintu bitanga urumuri.
- Shyira amashusho akase y'ibintu bitanga urumuri ku ruhanda
- Tanga urugero ufata ishusho ikase ukayishyira hejuru y'ishusho iri ku ikarito zisa.
- Saba abana guhuza amashusho y'ibitanga urumuri asa.



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

1. Vuga amazina y'ibitanga urumuri 4 byakozwe n'abantu unabyerekane mu nyoborabarezi.
2. Ni akahe kamaro kabyo?
3. Iyo ikibiriti cy'iwanyu gishize mukura he ikindi?

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti: ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)

Umuvugo: *Warakoze Mana*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere ariko uhe umwanya munini abana basubiremo

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko umwana yashoboye kuvuga umuvugo akurikiranya amagambo, ufashe abakigaragaza ingorane mu kuvuga amagambo amwe n'amwe.

Guhuza inyuguti ya e ntoya na E nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya **a** ntoya na **A** nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.



Kwandika inyuguti ya e ntoya: Ku wa kabiri (Uyu mwitoto ugenewe abana b'inyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **e** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **e** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **e** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **e** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **e** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **e** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **e** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **e** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi



Guhuza inyuguti ya f ntoya na F nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Gatatu)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya **a** ntoya na **A** nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitoto.



Kwandika inyuguti ya f ntoya: Ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya f ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya f ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya f ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya f ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya f ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya f ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya f ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya f ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita twinshi turiho inyuguti ya a, b, c, d, e, f ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero, wubure ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.

- Vuga uti: iyi ni inyuguti ya D nkuru, iyi ni inyuguti ya c ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya,...
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Shimira abana bose uvuga uti: Murabikoze ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka inyuguti e na f ntoya.
- Genzura ko abana bazi guhuza inyuguti e na f ntoya n'inyuguti E na F nkuru.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gukoresha indangahantu: hejuru no hasi

- Tegura imipira yo gukina abana bari bwifashishe.
- Jyana abana hanze.
- Saba abana kwitegereza hejuru kandi ubereka mu kirere: Murabona iki hariya hejuru?
- Basabe gusubiza bakoresha indangahantu **hejuru**.
Urugero: **hejuru** ndahabona ibicu, **hejuru** ndahabona inyoni, **hejuru** ndahabona indege.
- Ongera usabe abana kwitegereza ibintu bibakikije biri hasi.
- Baza abana ibyo babona **hasi**, kandi basubize bakoresha indangahantu **hasi**.
Urugero: **hasi** turahabona ibibabi, **hasi** turahabona amabuye...
- Fatanya n'abana gukora iyi myitozo:
 - Tuzamure amaboko hejuru.
 - Tumanure amaboko dukore hasi.
 - Saba abana kunaga hejuru imipira yo gukina.
 - Saba abana gushyira hasi imipira yo gukina.

- Koresha iyi myitoto abana bese.
- Tanga ubufasha ku bana bafite imbogamizi zo gutandukanya hejuru no hasi.
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri cyumweru :

- Ha abana imyitoto itandukanye ijyanye n'indangahantu hejuru no hasi ugenzure ko buri mwana yabimenye.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukora ibikorwa by'isuku: Gukaraba intoki , Kujya mubwiherero



9: 30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo y'ibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gusimbuka imirongo

- Jyana abana hanze.
- Shyira abana ku murongo.

- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo gusimbuka murenga umurungo.
- Ca imirungo itatu itambitse imbere y'abana; ugende usigamo intera hagati y'umurungo n'undi.
- Ereka abana urugero usimbuka urenga buri murungo.
- Kora itsinda ry'abana bane, abahungu n'abakobwa, bahagarare bategeranye.
- Saba buri tsinda ry'abana 4 gusimbuka barenga umurungo.
- Genzura ko abana bose basimbuka barenga umurungo.
- Shimira abana ko bakoze uwo mwitotoz uvuga uti: Murakoze cyane.

Ingero zindi mikino bashobora gukina

- Gukina umupira, gusimbuka umugozi, gutwara imodoka n'ibindi



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza(Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Umwitotoz ufatiye ku mugani

- Ongera usomere abana umugani witwa **Zuba, Nyenyeri na Kwezi**.
- Saba buri mwana atekereze uko yabigenza abonye umuntu utishimye: Wowe iyo ubonye umuntu utishimye ubigenza ute?



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange.*

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

- **Indirimbo: *Dore akazuba keza (Reba mu cyumweru cya mbere)***

Kubumba ukwezi : (Ku wa Mbere)

- Zana ibumba wateguye, urihe abana
- Reka buri mwana wese abumbe uko abyumva
- Shimira abana

Gushushanya izuba: (Ku wa Kabiri)

- Tegura amakayi n'amakaramu y'igiti
- Hereza abana ibi bikoresho
- Reka abana bashushanye uko babyumva

Kubumba buji : (Ku wa Gatatu)

Icyitonderwa : Kora nk'uko wakoze ubumba ukwezi

Kubumba imyambi y'ikibiriti (Ku wa Kane)

Icyitonderwa : Kora nk'uko wakoze ubumba ukwezi

Shushanya inyenyeri : (ku wa Gatanu)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya izuba



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kuvuga akamaro k'urumuri mu buzima bwacu n'impanuka zishobora guterwa n'urumuri.

- Ereka abana amashusho y'ibitanga urumuri biri mu nyoborabarezi, usabe abana kongera **kwitegereza ibitanga urumuri kamere no kukubwira amazina yabyo.**

- Sobanurira abana akamaro k'urumuri rw'izuba ko ritumurikira ku manywa naho ukwezi n'inyenyeri bikatumurikira n'ijoro igihe izuba ridahari.
- Sobanurira abana ko kureba mu zuba atari byiza no gusomera igitabo ku zuba ko byica amaso kandi ko bagomba kwirinda gusomera igitabo cyangwa kwandikira ahantu hatari urumuri ruhagije.
- Saba abana kongera kwitegereza ibitanga urumuri byakozwe na muntu no kukubwira amazina yabyo.
- Sobanurira abana **akamaro k' ibitanga urumuri byakozwe na muntu: bitumurikira n'ijoro kuko urumuri rw'ukwezi n'inyenyeri rudahagije.**
- Sobanurira abana ko **bibujijwe kureba mu zuba, gukinisha ikibiriti, buji, umuriro, gukinisha insinga z'amashanyarazi, guseseka utwuma n'imisumari aho bacomeka ibikoresho bikoresha amashanyarazi (purize) kuko bishobora guteza impanuka .**
- Sobanurira abana ko atari byiza kugenda ahatari urumuri no gusomera igitabo cyangwa kwandikira ahari urumuri rudahagije.
- Saba buri mwana gusobanura ibyiza by'urumuri n' impanuka ziterwa n'ibitanga urumuri.
- Fatanya n'abana gushimira buri mwana utanze igisubizo mumuha amashyi muvuga muti: Urakoze ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

1. Kubera iki tutagomba gukinisha ikibiriti, buji, umuriro? **Igisubizo: Ni uko byaduteza impanuka.**
2. Kubera iki tutagomba kureba mu zuba cyangwa ngo twandikire ahantu hatari urumuri ruhagije? **Igisubizo: Ni ukubera ko byatangiriza amaso**

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)


Umuvugo: Warakoze Mana

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- ✓ Genzura ko umwana yashoboye kuvuga umuvugo akurikiranya amagambo.

Guhuza inyuguti ya g ntoya na G nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya a ntoya na A nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya g ntoya (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **g** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **g** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **g** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **g** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **g** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **g** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **g** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.





- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **g** ntoya ufasha abafite

ingorane.

- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!


Guhuza inyuguti ya h ntoya na H nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (ku wa Gatatu)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya a ntoya na A nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya h ntoya : ku wa kane(Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **h** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **h** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **h** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **h** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **h** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **h** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **h** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **h** ntoya ufasha abafite ingorane.

- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatanu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita twinshi turiho inyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Urugero: iyi ni inyuguti ya G nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya, iyi ni inyuguti H nkuru.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina y'inyuguti.
- Shimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, murabikoze, mama shenge we!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka inyuguti g na h ntoya.
- Genzura ko abana bazi guhuza inyuguti **g** na **h** ntoya n'inyuguti **G** na **H** nkuru.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kubara ibintu umunani (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kabiri)

8



- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: utubuye, uduti, ibikombe, ibibabi n'ibindi.
- Saba abana **kubara ibintu birindwi (7)**: Urugero : intoki zirindwi, amakaramu y'igiti arindwi.
- Saba abana **kongeraho ikintu kimwe ku bintu birindwi bafite**. Urugero : kongeraho urutoki rumwe, ikaramu imwe, akabuye kamwe, igikombe kimwe, n'ibindi.

- Saba abana **kubara ibintu bafite byose hamwe bakubwire icyo babonye** : urugero : mfite amakaramu umunani, mfite amakayi umunani yose hamwe, mfite ibikombe umunani, mfite utubuye umunani twose hamwe, n'ibindi.
- Saba abana kujya hanze bazane ibintu umunani (8): utubuye umunani, amababi umunani, uduti umunani, n'ibindi.
- Reba ko buri mwana yashoboye kuzana ibintu 8, ufashe abafite imbogamizi muri iki gikorwa.
- Saba abana bamwe baze umwe umwe imbere y'abandi babare ibintu 8 bavanye hanze. Urugero: akabuye kamwe, utubuye tubiri, utubuye dutatu, utubuye tune, utubuye dutanu, utubuye 6, utubuye turindwi, utubuye umunani.
- Shimira abana bese ubaha amashyi : Murabikoze ni byiza.

Icyitonderwa : Igihe abana bagiye hanze baherekeze kandi ubabuze kujya ahantu hari ibintu byateza impanuka.

Kubaka umubare 8 yifashishije ibintu bifatika : uduti, utubuye (kuva ku wa Gatatu)

- Tegura utubuye abana bese bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora **umubare 8 mukoresheje utubuye**.
- Tanga urugero wubake **umubare 8** ukoresheje utubuye, usabe abana bitegereze uko ubigenza.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bese bashoboye gukora **umubare 8** kandi batareba aho uwo mubare wanditse.

Kwandika umubare 8 akoresheje ikaramu y'igiti (ku wa Kane)

Umubare: **8**

- Tegura amakayi yanditsemo umubare 8 mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika umubare 8 mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike umubare 8 mu tudomo.

- Gendagenda mu bana ureba uko bandika umubare 8 mu tudomo ufasha abafite ingorane.



- Andika umubare 8 inshuro nyinshi aho abana bareba (Ku wa gatanu)
- Saba abana bandike umubare **8** mu makaye yabo.
- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika **umubare 8**



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba umwana kubara akerekana intoki 8 cyangwa ibindi bintu 8 mu bikoresho wateguye.
- Genzura ko abana bashobora kubaka umubare 8 no kuwandika.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukora ibikorwa by'isuku: Gukaraba intoki , Kujya mubwiherero



9: 30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)


Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Guhagarara ku kaguru kamwe

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa ikindi cyateza impanuka.
- Shyira abana ku gice cy'uruziga.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo kugerageza guhagarara ku kaguru kamwe akandi bagahinnye.
- Ereka abana urugero uhagarara ku kaguru kamwe, akandi bagahinnye, urambuye amaboko.
- Saba buri mwana gukora uwo mwitoto.
- Genzura ko abana bose bagarageza guhagarara ku kaguru kamwe akandi bagahinnye.
- Shimira abana ko bagarageje guhagarara ku kaguru kamwe : MURAKOZE CYANE.

Kwiruka uguna k'umubare ubwiwe

- Tegura amakarita y'imibare kuva 1 kugeza 8
- Jyana abana hanze mu mbuga.
- Bwira abana ko tugiye gukina umukino wo kwiruka uguhagarara iruhande rw'ikarita iriho inyuguti mvuze.
- Tondeka amakarita y'imibare ku murongo utambitse ; hagati y'umubare n'undi ushyiremo intera.
- Shyira abana ku murongo utambitse uteganye n'umurongo uriho amakarita y'imibare ushyiremo intera ngufi.
- Tanga urugero uvuga umubare ushaka, urugero umubare 2 hanyuma wiruke uhagarare iruhande rw'umubare 2.
- Vuga umubare maze usabe abana bibiri kwiruka bajya guhagarara ku mubare uvuze.
- Komeza uvuga imibare inyuranye kugeza abana bose barangije gukina uwo mukino.
- Shimira abana ku bw'imbaraga zabo n'ishyamba bagaragaje mu gikorwa.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Umwitozo: Kuvuga muri make umugani wa Zuba , Nyenyeri na Kwezi

Ongera usomere abana inkuru.

- Saba abana umwe umwe bavuge mu make ibyo bumvise mu mugani.
- Bagomba gutangira bagira bati: Kera habayeho..... bagasoza bagira bati: Si njye wahera hahera umugani.
- Genda ufasha abana badakurikiranya neza ibitekerezo.
- Shimira abana bose ubaha amashyi y'uturabo.



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo :*Nimuze dukine*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange*. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

- **Indirimbo:** *Dore akazuba keza*

Gushushanya ibitanga urumuri kamere abana bashaka

Icyitonderwa : Kora nk'uko wakoze bashushanya mu cyumweru gishize

Kubumba ibitanga urumuri byakozwe n'abantu bashaka

Icyitonderwa : Kora nk'uko wakoze babumba mu cyumweru gishize



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Abarezi bacu baradukunda cyane*.

Insanganyamatsiko: Ibitwara abantu n'ibintu



Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa cumi bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **“Ibitwara abantu n'ibintu”** igamije gufasha umwana gutandukanya ibitwara abantu nibintu, akamaro kabyo, kumenya no kwirinda impanuka zishobora gutezwa na byo.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye ibidukikije.*

Kwitegereza no kuvuga ibitwara abantu n'ibintu ku butaka

- Ereka abana ishusho iri muri iki gitabo yerekana uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho y'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.

Urugero: Ndabona abantu bagenda n'amaguru, abandi kuri moto, ku igare, ndabona indege hejuru mu kirere, ndabona abantu bagenda mu bwato, ndabona imodoka.

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga **uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka.**
- Sobanurira abana uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka:

Urugero: kugenda n'amaguru, igare rigenda ku butaka ritwaye ibintu n'abantu; moto n'imodoka na byo bigenda ku butaka kandi birihuta kurusha igare no kugenda n'amaguru.

- Baza abana: Ni nde muri mwe uza n'amaguru? Ni nde uzanwa n'igare? Ni nde wigeze kugenda mu modoka cyangwa kuri moto?

Urugero rw'ibisubizo by'abana: **Nza n'amaguru iyo nje ku irerero; nagiye mu modoka tugiye gusura masenge utuye i Kigali; mukuru wanjye yantwaye ku igare.**

- Fatanya n'abana gushimira buri mwana ushubije mumuha amashyi muvuga muti: Urakoze ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru wifashishije ibi bibazo :

1. Ni hehe ukunda kugenda n'amaguru ? **Ngenda n'amaguru, nje ku irerero, ngiye gukina n'abandi bana.**
2. Ni akahe kamaro k'igare, moto, imodoka ? **Ni ugutwara abantu n'ibintu.**

Uburyo bwo kwirinda impanuka zo mu muhanda

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga uburyo bwo kwirinda impanuka zo mu muhanda.
- Bwira abana imyitwarire ikwiye mu rwego rwo kwirinda impanuka zo mu muhanda no mu mazi:

✓ ***Kwirinda kugenda barangaye kuko basitara bakagwa.***

✓ ***Kwirinda gukinira mu muhanda.***

✓ ***Kwirinda kwambuka umuhanda uri wenyine: saba ubufasha bw'umuntu mukuru.***

✓ ***Kwirinda gusohora umutwe cyangwa amaboko igihe uri mu modoka igenda.***

✓ ***Kwirinda kwambuka umuhanda wiruka.***

✓ ***Iyo uri ku igare cyangwa kuri moto ugomba gufata ugutwaye ugakomeza kugira ngo utagwa***

- Shimira bana ko bagiyeye kugira imyitwarire myiza igihe bagenda ku muhanda cyangwa mu kayira. murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

1. Ku bitwara abantu n'ibintu.

Saba abana kukwereka uburyo bakoresha baza ku irerero, bifashishije ishusho iri mu ifoto.

2. Vuga icyo wakora kugirango wirinde impanuka.

Saba buri mwana ku kubwira uburyo bwiza bwo gukoresha umuhanda neza.



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti.

Kuvuga umuvugo: Bidufitiye akamaro (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegure usoma umuvugo mbere yo kuwigisha abana:

Umuvugo: Bidufitiye akamaro

Ngenda n'amaguru kenshi

Ndi mu rugo no mu baturanyi.

Iyo ngiye gusura abantu kure,

Igare cyangwa moto bingezayo vuba.

Nyamara iyo ndwaye cyane

Cyangwa imvura igwa cyane

Imodoka ni yo nikundira

Irihuta kandi ugenda wicaye neza

Igenda ivuga ngo "bibiiiiiiiiiii"

Abantu bose bakava mu muhanda.


- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Baza abana ibibazo bibafasha gusobanukirwa umuvugo:
 - ✓ Abana muturanye ni ba nde?
 - ✓ Umuntu agiye kure yahitamo kugenda n'iki? **Igisubizo: moto, igare, imodoka**
 - ✓ Kubera iki ari byo wahitamo? **Igisubizo: Moto, igare n'imodoka birihuta**
 - ✓ Igare, moto n'imodoka bigenda he? **Igisubizo: mu muhanda**
 - ✓ Kubera iki iyo abantu babonye bumvise imodoka bava mu muhanda? **Igisubizo: Kugira ngo itabagonga.**
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo mu matsinda y'abana bane bane kandi urebe ko buri mwana asubiramo.
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

- Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo **“Bidufitiye akamaro”** kandi ko awuvuga agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo.

Guhuza inyuguti ya i ntoya na I nkuru akoresheje amakarita y’inyuguti (Ku wa Mbere)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya i ntoya na I nkuru abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya i ntoya na I nkuru.
- Tondeka udukarita hasi tuvanganzemo inyuguti nkuru higanjemo inyuguti ya I nkuru ugende usigamo umwanya hagati y’ikarita n’indi.
- Shyira ku ruhande udukarita twanditseho inyuguti ya i ntoya.
- Tanga urugero ufata ikarita ya i ntoya uyishyire iruhande rw’inyuguti ya I nkuru.



- Saba umwana umwe aze umufashe gushyira ikarita iriho inyuguti ya i ntoya iri iruhande rw’ikarita ya I nkuru.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya i ntoya na I nkuru ufashe abafite ingorane.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza.

Kwandika inyuguti ya i ntoya: Ku wa kabiri (Uyu mwitoto ugenewe abana b’imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditseho inyuguti ya i ntoya mu tudomo n’amakaramu y’igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya i ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y’igiti, bandike inyuguti ya i ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya i ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.





- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **i** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **i** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **i** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **i** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya **j** ntoya na **J** nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya **j** ntoya na **J** nkuru abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya **j** ntoya na **J** nkuru.
- Tondeka udukarita hasi tuvangavanzemo inyuguti nkuru higanjemo inyuguti ya **J** nkuru ugende usigamo umwanya hagati y'ikarita n'indi.
- Shyira ku ruhande udukarita twanditseho inyuguti ya **j** ntoya.
- Tanga urugero ufata ikarita ya **j** ntoya uyishyire iruhande rw'inyuguti ya **J** nkuru.





- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.


- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya **j ntoya** na **J nkuru** ufashe abafite ingorane.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza.

Kwandika inyuguti ya j ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **j ntoya** mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **j ntoya** mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **j ntoya** mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **j ntoya** ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **j ntoya** n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **j ntoya**.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **j ntoya** bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **j ntoya** ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita turiho inyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h, i, j ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.

- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero:
 - ✓ Ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
 - ✓ Vuga ngo iyi ni inyuguti ya I nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo muvuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.
-

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya **I nkuru** na **i ntoya** n'inyuguti ya **J nkuru** na **j ntoya** batazimiranya.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Gutahura uko ibintu bikurikirana mu ruhererekane rworoheje

- Tegura ibikoresho amabuye, ibibabi mbere muri bwifashisha.
- Bwira abana ko mugiyeye gutondeka ibintu mukurikije urugero.
- Ereka abana urugero bari bukurikize batondeka:
Urugero: Tondeka gutya banza akabuye, kurikizaho ikibabi, Ongera ushyireho akabuye, kurikizaho ikibabi.



- Fatanya n'abana gutondeka mukurikije urugero.
- Saba abana gutondeka bakurikije urugero, ufasha abafite ingorane zo kubikora.
- Shimira umwana watondetse akurikije urugero: urabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana akora uruhererekane rworohewe akurikiza urugero yahawe.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukora ibikorwa by'isuku: Gukaraba intoki , Kujya mubwiherero



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gusimbuka baja iburyo cyangwa ibumoso

- Saba abana gukora umurongo umwe.
- Shushanya inziga ebyeri ziteganye imbere yabo.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo gusimbuka baja iburyo cyangwa

ibumoso.

- Ereka abana uruziga ruri iburyo n'uruziga ruri ibumoso.
- Bwira abana ko nuvuga iburyo umwana azajya asimbuka agana iburyo, nuvuga ibumoso umwana azajya asimbuka agana ibumoso.
- Ereka bana urugero uvuga ngo iburyo hanyuma usimbuke ujye mu ruziga ruri iburyo.
- Ereka bana urugero uvuga ngo ibumoso hanyuma usimbuke ujye mu ruziga ruri ibumoso.
- Saba buri mwana gukora umwitozo asimbuka mu ruziga wavuze niba ari iburyo cyangwa ibumoso.
- Genzura ko abana bose basimbuka bajya mu ruziga wavuze, abafite ingorane zo kumenya amerekezo ubafashe.
- Shimira abana ko bakoze uwo mwitozo : murakoze cyane.

Icyitonderwa: Niba hari umwana ufite ubumuga bw'ingingo (amaguru) musabe gukoresha amaboko yerekana iburyo cyangwa ibumoso.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Itegereze ko buri mwana asimbuka agana aho umubwiye iburyo cyangwa ibumoso.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Gusoma no gusubiza ibibazo ku nkuru

- Itegere: banza usome inkuru uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana uko inkuru mugiyeye gusoma yitwa: **Mbega urugendo rushimishije.**
- Somera abana inkuru ikurikira inshuro 2, witonze, wifashishije amashusho n'inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Inkuru: Mbega urugendo rushimishije!

SHEMA YAJYANYE NA SE GUTEMBERA KU KIYAGA. BAGEZEYO SHEMA ABWIRA SE KO ASHAKA KUJYA MU BWATO.



NUKO SE AHAMAGARA UMUSARE ARAMUBWIRA ATI...

TURASHAKA KO UDUTEMBEREZA MU BWATO.



BAJYA MU BWATO BARATEMBERA.



KUBERA KO BWARI UBWA MBERE AJYA MU BWATO, SHEMA YABANJE KUMVA AGIZE UBWOBA, ARIKO SE ARAMUHUMURIZA.



IGIHE CYO GUTAHA CYAGEZE ATABISHAKA. BATAHA, BATEZE IMODOKA YEREKEZA IWABO ARIKO BAGEZE MU NZIRA IMODOKA IGIRA IKIBAZO, BAGERAGEZA KUYIKORA BIRANGA.






SE ABONYE BWIJE BATARARANGIZA KUYIKORA ABWIRA SHEMA ATI...

DORE DUTAHA KURE REKA DUFATE MOTO,



SHEMA YONGERA KWISHIMA KUKO BWARI UBWA MBERE AGIYE KUGENDA KURI MOTO.



Shema yajyanye na se gutembera ku kiyaga. Bagezeyo Shema abwira se ko yumva ashaka kujya mu bwato. Nuko se ahamagara umusare aramubwira ati: "turashaka ko udutembereza mu bwato." Bajya mu bwato baratembera. Kubera ko bwari ubwa mbere ajya mu bwato, Shema yabanje kumva agize ubwoba, ariko se aramuhumuriza. Igihe cyo gutaha cyageze atabishaka. Bataha bateze imodoka yerekeza iwabo ariko bageze mu nzira imodoka igira ikibazo bagerageza kuyikora biranga. Se abonye bwije batararangiza kuyikora abwira Shema ati: "Dore dutaha kure reka dufate moto". Shema yongera

kwishima kuko bwari ubwa mbere agiye kugenda kuri moto. Moto ya mbere ihageze Shema abwira se ati: “Oya papa, ntabwo ngenda kuri iyi moto kuko nta ngofero y’abagenzi mbona. Birabujijwe kugenda kuri moto utambaye ingofero y’abagenzi. Mwarimu yatubwiye ko bifasha umugenzi mu gihe habaye impanuka”. Muri ako kanya moto ebyiri ziba ziraje, bambara ingofero burira moto barataha. Bageze mu rugo Shema ashimira se ko yamutembereje.

- Ongera usomere abana inkuru.
- Baza ibibazo bikurikira:
 - 1) Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: **Mbega urugendo rushimishije!**)
 - 2) Ni bande bavugwa muri iyi nkuru ? **Ni Shema, se n’umusare.**
 - 3) Umusare ni muntu ki ? **Ni umuntu utwara ubwato.**
 - 4) Shema na se bagiye gutemberera he? **Shema na se bagiye gutemberera ku kiyaga.**



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura

bakanasukura aho bakoreye.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza, bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo yo gutwara abantu n'ibintu (Buri munsi kuri iyi saha)

- Itegere ubanza kwitoza kuririmba neza indirimbo **“Gutwara abantu n’ibintu”** mbere yo kuyigisha abana.
- Iyi ndirimbo iririmbwa mu njyana ya (Frère Jacques)
 - 1.Imodoka yacu (2)
 - 2.Indege yacu (2)
 - Iragenda (2)
 - Iraguruka (2)
 - Amapine hasi (2)
 - Kure mu kirere (2)
 - Ikihuta (2)
 - Ikihuta (2)

 - 3.Igare ryacu (2)
 - 4.Naho moto yacu (2)
 - Turarinyonga, (2)
 - Turayatsa (2)
 - Mu kayira karyo (2)
 - Igira umunyenga (2)
 - Tukagenda (2)
 - Mwiza cyane (2)
- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi riranguruye ukora ibimenyetso kandi ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe .

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe indirimbo yo gutwara abantu n’ibintu kandi ko ayiriramba agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo.

Kubumba amapine y'imodoka

- Tegura ibumba abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye kubumba amapine y'imodoka
- Tanga urugero ubumba ipine y'imodoka
- Ha abana ibumba, ubasabe kubumba ipine y'imodoka.

Gushushanya imodoka

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya imodoka.
- Genzura ko buri mwana arimo gushushanya imodoka.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimire abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Gushushanya igare

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya imodoka.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Abarezi bacu baradukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kuvuga ibitwara abantu n'ibintu ku butaka

Subiramo inyigisho yo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Vuga ibintu bitwara abantu n'ibintu wagendeyemo? Wajyaga he? **Nagiye ku igare njya kwa muganga, mu modoka njya gusura kwa sogokuru...**

Uburyo bwo kwirinda impanuka zishobora guterwa n'uburyo bwo gukoresha umuhanda

- Subiramo inyigisho yo mu kwezi mu cyumweru cya mbere (Imyitwarire ikwiye mu rwego rwo kwirinda impanuka mu muhanda).



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti.ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)


Umuvugo: Bidufitiye akamaro

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko umwana ashobora gusubiramo igice cy'umuvugo bamaze kwiga.



Guhuza inyuguti ya k ntoya na K nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya i ntoya na I nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya k ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **k** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **k** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **k** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **k** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.




- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **k** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **k** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **k** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **k** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!



Guhuza inyuguti ya I ntoya akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Gatatu)



- **Icyitonderwa:** Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya i ntoya na I nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya I ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya I ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya I ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya I ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya I ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya I ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya I ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya I ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya I ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboyeye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita twinshi turiho inyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h, i, j, k, l, ntoya.

- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavugaga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bese.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya B nkuru, iyi ni inyuguti ya f ntoya, iyi nyuguti ni c ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bese bashoboye kuvugaga amazina y'inyuguti, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo muvugaga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bese bashoboye guhuza inyuguti ya K nkuru na k ntoya n' inyuguti ya L nkuru na l ntoya batazimiranya.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*



Gukoresha indangahantu: Iburyo n'ibumoso

Iburyo

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga iburyo
- Ereka abana urugero:
 - ✓ Hagarara imbere yabo ureba mu cyerekezo kimwe nabo (ubateye umugongo) uzamure ukuboko kw'iburyo hanyuma ubabwire ko uzamuye ukuboko kw'iburyo.

- Saba abana guhaguruka.
 - Hagararana na bo ureba mu cyerekezo kimwe na bo.
 - Korana na bo umwitozo wo kuzamura ukuboko ku iburyo.
 - Saba abana kuzamura ukuguru ku iburyo, gukora ku gutwi ku iburyo, ku ivi ry'iburyo, ijisho ry'iburyo, ...
 - Koresha uwo mwitozo abana bose
 - Komeza umwitozo ukoreshe abana cyangwa ibintu bitandukanye.
- Urugero: Shyira igikombe iburyo bwa mugenzi wawe, hagarara iburyo bwanyje.
- Saba abana kukubwira izina ry'umwana uhagaze iburyo bwe.
 - Tanga ubufasha ku bana bafite imbogamizi zo kumenya ikintu kiri iburyo/umuntu uri iburyo.
 - Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze mama shenge we.

Ibumoso



- Bwira abana ko mugiyeye kwiga ibumoso
- Kora uyu mwitozo nk'uko wawukoze wigisha iburyo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana abasha kwerekana ibintu biri iburyo n'ibumoso.

Gusimbuka bajya mu ruziga bakurikiranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 8

- Jyana abana hanze.
- Shushanya inziga umunani hasi mu mbuga.
- Shyira muri buri ruziga ikarita kuva kuri rimwe (1) kugera ku munani (8) .
- Shyira abana ku murongo.
- Saba umwana uri imbere ku murongo gusimbuka ava ku ruziga rufite nimero 1 agende asimbuka muri buri ruziga akurikiranya imibare kugera ku mubare 8.
- Bwira abana ko bazajya basimbukira mu ruziga rurimo umubare uvuze.
- Komeza ukoreshe uwo mwitozo kugeza abana bose barangije kuwukina.
- Shimira abana igikorwa bamaze gukora.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukora ibikorwa by'isuku: Gukaraba intoki , Kujya mu bwiherezo



9: 30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Kuririmba iyi ndirimbo musohoka mujya hanze

Umukino wo gutwara moto

- Shyira abana ku murongo.
- Babwire ko mugiyeye gukina umukino wo gutwara moto.
- Bwira abana ko iyo mugiyeye gutwara moto mubanza gufata amahembe hanyuma mukatsa mukabona kugenda.
- Ereka abana uko bafata moto ukoresheje amaboko.
- Atsa moto uzamura ukuguru warangiza ukagukubita hasi uvuga ngo: avuru, avuru, avuru.

- Twara moto ukoresheje amaboko ugenda ukata.
- Kina n’abana uyu mukino mufata moto, muyatse hanyuma muyitware.
- Genzura ko abana bose bakurikiza amabwiriza yo gutwara moto.
- Shimira abana ko bakoze uwo mwitoto: murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Itegereze ko buri mwana asimbuka agana aho umubwiye iburyo cyangwa ibumoso.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

- Ongera usomere abana inkuru “**Mbega urugendo rushimishije**” iri mu cyumweru cya mbere.
- Baza abana ibibazo bikurikira:
 1. Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: **Mbega urugendo rushimishije**)
 2. Shema na se bagiye koga mu kiyaga ? **Oya bagendeye mu bwato**
 3. Shema na se bavuye ku kiyaga batashye n’amaguru ? **Oya batashye n’imodoka.**
 4. Ni ikihe kibazo bahuye na cyo mu nzira ? **Imodoka yagize ikibazo barayikora biratinda.**
 5. Kuki Shema yanze kugenda kuri moto idafite ingofero y ‘abagenzi ? **Kuko ingofero y’abagenzi ifasha umugenzi mu gihe habaye impanuka.**



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusozwa ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

- **Indirimbo: Gutwara abantu n'ibintu**

Kubumba ibintu bitwara abantu n'ibintu ku butaka abana bashaka

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ubumba amapine .

Gushushanya ibintu bitwara abantu n'ibintu ku butaka abana bashaka

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya imodoka.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana yakoze ibikorwa bijyanye no kubumba no gushushanya ibintu bitwara abantu n'ibintu .



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha) Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Gukoresha neza umuhanda no kwirinda impanuka

- Saba abana kuvuga uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ku butaka.
- Baza ibintu bishobora gutuma umuntu agira impanuka, igihe ubona bagize ingorane zo kubisubiza bafashe.

Urugero:

- ✓ *Iyo ugenda n'amaguru urangaye urasitara ukagwa, iyo wicaye ku igare ntufate ngo ukomeze uragwa ugakomereka.*
- ✓ *Iyo ugenda ku muhanda ugendera ku nkengero z'umuhanda kugira ngo imodoka na moto zitakugonga.*
- ✓ *Birabujijwe gukinira mu muhanda, irinde kwambuka umuhanda wiruka tegereza imodoka ihagarare.*

✓ *Saba ubufasha bw'umuntu mukuru mbere yo kwambuka umuhanda.*

- Saba abana gushimira mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza.

Gukina umukino wo gukoresha neza umuhanda

- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo gukoresha umuhanda.
- Shushanya umuhanda mu mbuga uca imirongo 2 iteganyeye miremire. Hagati y'iyi mirongo ni ho gukoresha nk'umuhanda muri uyu mukino.
- Ibutsa bana amabwiriza yo gukoresha neza umuhanda.
- Ereka abana uburyo bwiza bwo kwambuka umuhanda.
- Shyira abana mu matsinda ubasabe kwambuka, witegereze uko bambuka umuhanda.
- Genzura ko abana bakoresha umuhanda neza, ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana ko bakoresheje umuhanda neza ubashishikariza guhora babigenza gutyo. murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z' ibibazo wakwifashisha:

1. Iyo ugiye kwambuka umuhanda ubigenza ute? **Nsaba ubufasha bw'umuntu mukuru kandi tukambuka twitonze.**
2. Kuki atari byiza gukinira mu muhanda? **kuko bishobora guteza impanuka**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)



Umuvugo: *Bidufitiye akamaro*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko umwana ashobora gusubiramo umuvugo akurikiranya amagambo n'interuro.



Guhuza inyuguti ya m ntoya na M nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa mbere)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya i ntoya na I nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya m ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **m** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **m** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **m** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **m** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **m** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **m** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **m** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **m** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyamba uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya n ntoya akoresheje amakarita y'inyuguti (ku wa Gatatu)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya i ntoya na I nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika nyuguti ya n ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo nyuguti ya **n** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika nyuguti ya **n** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike nyuguti ya **n** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika nyuguti ya **n** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo nyuguti ya **n** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika nyuguti ya **n** ntoya.
- Bwira abana bandike nyuguti ya **n** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika nyuguti ya **n** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga nyuguti ntomboye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho nyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita turiho nyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora nyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.

- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya G nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira mugenzi wabo bavuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya M nkuru na m ntoya n' inyuguti ya N nkuru na n ntoya batazituranya.


8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi*

Uruziga



Umukino: Gushaka ibintu bifite ishusho uruziga

- Tegura ibikoresho binyuranye biboneka aho mutuye higanjemo ibifite ishusho y'uruziga bikurikira : ibipesu byo ku myenda, ibikombe, isahani yo mu ishusho y'uruziga, ikidongi cy'urudobo, itoroshi, ibase, indobo isabune yo gufura ifite ishusho ya mpandenye, ibibabi bidafite ishusho y'uruziga, ikaramu y'igiti, ikayi n'ibindi.
- Vangavanga ibi bikoresho
- Tanga urugero ufata igikoresho kimwe gifite ishusho y'uruziga.
- Saba abana gushakisha ibintu bifite imiterere y'uruziga babishyire ku ruhande.
- Shimira abana igikorwa bakoze.



Kubaka uruziga akoresheje ibintu binyuranye (Kuwa ku wa mbere kugeza ku wa kabiri)

- Tegura utubuye n'utudodo abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora uruziga.
- Tanga urugero wubake uruziga ukoresheje utubuye cyangwa utudodo.



- Fatanya n'abana kubaka uruziga mukoresheje utubuye.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka uruziga.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza!

Gushushanya uruziga (Ku wa gatatu no Ku wa kane)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Ereka abana uko bashushanya uruziga.
- Saba abana gushushanya uruziga.
- Genzura ko buri mwana yashoboye gushushanya uruziga, ufashe abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

1. Saba abana kukubwira ibintu bazi bifite ishusho y'uruziga? **Isaha , umupira wo gukina.**
2. Genzura ko buri mwana yubakira cyangwa ashushanya uruziga akurikiza urugero yahawe.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukina umukino wo gukoresha neza umuhanda

- Komezera uyu mukino (Reba muri Tumenye ibidukikije muri iki cyumweru) ufashe abana bose bataramenya kwambuka umuhanda.



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Kuririmba indirimbo bagenda kuri gahunda bajya hanze.

Umukino wo gutwara imodoka

- Shyira abana ku murongo.
- Babwire ko mugiyeye gukina umukino wo gutwara imodoka.
- Ereka abana uko batwara imodoka wigana umushoferi.
- Bwira abana gutwara imodoka bigana umushoferi.
- Genzura ko abana bose bakurikiza amabwiriza yo gutwara imodoka.

- Shimira abana ko bakoze uwo mwitoto: murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Itegereze ko buri mwana akina atwara imodoka yigana umushoferi.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/Gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma

Umwitoto ufatiye ku nkuru

- Ongera usomere abana inkuru “Mbega urugendo rushimishije”.
- Saba buri mwana kuvuga icyo yari gukora igihe ipine yari itobotse kandi bwije.



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusozwa ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11:50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

- **Indirimbo: *Gutwara abantu n'ibintu***

Gushushanya umuhanda

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze mu cyumweru gishize ushushanya ibindi bintu.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Abarezi bacu baradukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kuvuga uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere

- Ereka abana amashusho ari mu gitabo yerekana uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza amashusho y'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere.
- Mu gihe bari kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.

Urugero: Ndabona abantu binjira mu ndege, abantu bari mu bwato...

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi no mu kirere.
- Saba abana kuvuga ibintu bitwara abantu n'ibintu bigendera mu mazi no mu kirere.

Urugero: Indege igendera mu kirere, ubwato bukagendera mu mazi.

- Saba abana gushimira mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- 1) Vuga uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi? **Mu mazi hakoreshwa ubwato.**
- 2) Vuga uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu mu kirere? **Mu kirere hakoreshwa indege.**

Umukino: Kwigana gutwara ibintu n'abantu

- Tegura inkoni ebyiri, imwe iziritse kuyindi ahagana hejuru bayifashishe nk'amahembe ya moto.
- Tegura izindi inkoni bari bwifashishe nk'ingashya z'ubwato.
- Bwira abana ko bazajya basimburana mu kwigana uburyo bunyuranye bwo gutwara abantu n'ibintu.
- Ereka abana uburyo bwo gukoresha ibyo bikoresho higanwa uburyo bunyuranye bwo gutwara abantu n'ibintu.
- Fata inkoni nk' aho urimo gutwara moto.
- Fata inkoni ebyiri nk' aho urimo gutwara ubwato.
- Reka abana basimburane bigana gutwara abantu n'ibintu bakoresha ibikoresho bahawe.
- Shimira abana igikorwa bamaze gukora.

8:30-8:50: Kunoza Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)



Umuvugo: *Bidufitiye akamaro*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko umwana ashobora gusubiramo umuvugo bize ukwezi kose akurikiranya amagambo n'interuro.



Guhuza inyuguti ya o ntoya na O nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)



- **Icyitonderwa:** Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya i ntoya na I nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya o ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **o** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **o** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **o** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **o** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.




- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **o** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **o** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **o** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **o** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya p ntoya akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Gatatu)




Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya i ntoya na I nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya p ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **p** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **p** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **p** ntoya mu tudomo.

- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **p** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **p** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **p** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **p** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **p** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatanu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita turiho inyuguti ya a, b, c, d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, o, p ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya H nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo muvuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya O nkuru na o ntoya n' inyuguti ya P nkuru na p ntoya batazituranya.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kubara ibintu icyenda (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)



- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: utubuye, uduki, ibikombe, ibibabi n'ibindi.
- Saba abana **kubara ibintu umunani (8)** : Urugero : intoki umunani, amakaramu y'igiti umunani
- Saba abana **kongeraho ikintu kimwe ku bintu umunani bafite**. Urugero : kongeraho urutoki rumwe, ikaramu imwe, akabuye kamwe, igikombe kimwe, n'ibindi
- Saba abana **kubara ibintu bafite byose hamwe bakubwire icyo babonye** : urugero : mfite amakaramu icyenda, mfite amakayi icyenda yose hamwe, mfite ibikombe icyenda, mfite utubuye icyenda twose hamwe, n'ibindi.
- Saba abana kujya hanze bazane ibintu icyenda (9): utubuye icyenda, amababi icyenda, uduki icyenda, n'ibindi.
- Reba ko buri mwana yashoboye kuzana ibintu 9, ufashe abafite imbogamizi muri iki gikorwa.
- Saba abana bamwe baze umwe umwe imbere y'abandi babare ibintu 9 bavanye hanze. Urugero : akabuye kamwe, utubuye tubiri, utubuye dutatu, utubuye tume, utubuye dutanu, utubuye dutandatu, utubuye turindwi, utubuye umunani, utubuye icyenda.

Icyitonderwa : Igihe abana bagiye hanze baherekeze kandi ubabuze kujya ahantu hari ibintu byateza impanuka.

Kubaka umubare 9 yifashishije ibintu bifatika : utubuye (ku wa Gatatu)

- Tegura utubuye abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora **umubare 9**.
- Tanga urugero wubake **umubare 9** ukoresheje utubuye.




- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora **umubare 9** kandi atareba aho uwo mubare wanditse.



Kwandika umubare 9 akoresheje ikaramu y'igiti(Ku wa kane)

Umubare: 9

- Tegura amakayi zanditsemo umubare 9 mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika umubare 9 mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike umubare 9 mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika umubare 9 mu tudomo ufasha abafite ingorane.



- Andika umubare 9 inshuro nyinshi aho abana bareba. (Ku wa gatanu)
- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika **umubare 9**
- Saba abana bandike umubare **9** mu makaye yabo.



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko buri mwana ashobora kubara ibintu 9, kubaka no kwandika umubare 9.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukora ibikorwa by'isuku: Gukaraba intoki , Kujya mubwiherero



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Umukino wo gutwara igare

- Jyana abana hanze.
- Shyira abana ku murongo.
- Babwire ko mugiyeho gukina umukino wo gutwara igare.
- Ereka abana uko batwara igare wigana umunyonzi.
- Bwira abana gutwara igare bigana umunyonzi.
- Genzura ko abana bose ko bakurikiza amabwiriza yo gutwara igare.
- Shimira abana ko bakoze uwo mwitoto: murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Itegereze ko buri mwana akina anyonga igare yigana umunyonzi.

Umukino: Kubara ukurikiranya imibare umanuka uva kuri 10 ugera kuri 1 wigana indege igwa ku kibuga

- Jyana abana hanze.
- Sobanurira abana ko bagiye kwigana indege igwa ku kibuga .
- Tanga amabwiriza ko :tugiye kumanura indege iri mu kirere tubara kuva ku 10 kugera kuri 1 indege yacu ikaba ihagaze ku kibuga.
- Shyira abana ku murongo nk'aho bari ku kibuga cy'indege,
- Tanga urugero urambura amaboko amere nk'amababa, ubare uva 10 umanuka ukurikiranya imibare ugere kuri kuri 1 hanyuma usutame ugaragaza ko indege igeze ku kibuga
- Babwire barambure amaboko yabo amere nk'amababa y'indege.
- Fatanya n'abana kumanura indege ku kibuga mubara kuva ku 10 kugera kuri 1 musutame.
- Babwire ko igihe bageze kuri 1, abana bose bavuga cyane ngo: "Vururururumm!"
- Nimurangiza ubabwire baguruke biruka bigana indege hirya no hino ku kibuga cy'indege.
- Shimira abana igikorwa bamaze gukora.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma*

Umwitozo: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi: Mbega urugendo rushimishije

- Ongera usomere abana inkuru.
- Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru “**Mbega urugendo rushimishije**”.



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange.*

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

- **Indirimbo:** *Gutwara abantu n'ibintu*

Gukora indege mu kibabi

- Tegura utubabi n'uduti duto tunga n'umubare w'abana
- Bwira abana ko mugiyeye gukora indege mu kibabi.
- Ereka bana uko bakora indege mu kibabi: cengeza agati hagati mu kibabi.
- Hereza buri mwana ikibabi n'agati.

- Fatanya n'abana gutobora ikibabi mucengezamo agati hagati mu kibabi.
- Genda ufasha abana bafite ingorane zo kubikora.
- Jyana abana hanze mugurutse indege, mufata uduti mukiruka indege zikaguruka.
- Shimira abana uburyo bakoze indege.

Gushushanya ubwato

- Tegura amakayi n'amakaramu
- Bwira abana ko mugiyeye gushushanya ubwato.
- Ha abana amakayi n'amakaramu ubabwire bashushanye ubwato
- Shimira abana ko bashushanyije ubwato.

Umukino:Gukora imodoka

- Tegura ibikoresho biboneka aho mutuye: amatafari, utubuye, udukarito n'imifuniko y' amacupa.
- Reba niba ibikoresho bihagije kuburyo buri mwana aza kubona ibikoresho bihagije bimufasha gukora imodoka.
- Bwira abana bagiyeye gukora imodoka batondeka, udufuniko cyangwa udubuye.
- Shishikariza abana gukora imodoka uko babyumva.
- Fatanya n'abana gukora imodoka mutondeka udufuniko cyangwa utubuye uha abana ubufasha aho bukenewe.
- Bareke bagende bigana bagenzi babo.
- Shimira abana ku gikorwa bamaze gukora.



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.




11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Insanganyamatsiko: Itumanaho



Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa **cumi na kumwe** bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Itumanaho"** igamije gufasha umwana kumenya ibikoresho bitandukanye by'itumanaho, akamaro kabyo no kumenya uburyo bikoreshwa.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Kwitegereza no kuvuga ku itumanaho

- Tegura ibikoresho by'itumanaho ubasha kubona aho mutuye: telefone, radiyo.
- Saba abana kwitegereza ibyo bikoresho no kukubwira icyo babikoresha.
- Bwira abana ko mugiyeye kwiga itumanaho.
- Ereka abana ishusho iri muri iki gitabo yerekana uburyo bw'itumanaho bukunze gukoreshwa.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho y'uburyo bw'itumanaho bukunze gukoreshwa.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.

Urugero: Ndabona umuntu uvugira kuri telefone...

- Bwira abana ibyo bikoresho babonye ko ari by'itumanaho, bidufasha gutanga amakuru no kwakira ubutumwa.
- Saba buri mwana kukubwira uburyo bukoreshwa bahana amakuru.

Urugero: Iwacu dukoresha telefone radiyo n'ibindi.

- Bwira abana ko ari byiza gutanga ubutumwa uko babuguhaye.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza
- Koresha uwo mwitoto abana bose.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero ibibazo wakwifashisha:

1. Baza abana uburyo bw'itumanaho bakoresha iwabo? **Iwacu dukoresha telefone, radiyo na televiziyo.**



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Umuvugo : Tanga ubutumwa

Iyo ababyeyi bantumye

Ntega amatwi ibyo bambwiye

Ndabaza iyo ntabyumvise

Nkihutira gutanga ubutumwa

Nkabutanga uko babumpaye

Nirinda kongeraho ibyanjye.

Ngo hato bitavamo kubeshya!

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo.
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo **"Nkunda gutega amatwi, kandi ko awuvuga agaragaza amarangamutima adacurikiranya.**

Guhuza inyuguti ya r ntoya na R nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti. (Ku wa Mbere)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya r ntoya na R nkuru abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya r ntoya na R nkuru.
- Tondeka udukarita ku mukeka tuvangavanze, mu nyuguti nkuru higanjemo inyuguti ya R nkuru, ugende usigamo umwanya hagati y'ikarita n'indi.
- Shyira ku ruhande udukarita twanditseho inyuguti ya r ntoya.



- Tanga urugero ufata ikarita ya r ntoya uyishyire iruhande rw'inyuguti ya R nkuru.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya r ntoya na R nkuru ufashe abafite ingorane.
- Fatanya n'abana gushimira umwana mugenzi wabo mumuha amashyi muti: Urabikoze ni byiza.

Kwandika inyuguti ya r ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi anditsemo inyuguti ya r ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya r ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya r ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya r ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya r ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya r ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya r ntoya bigana iziri mu makayi yabo.





Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya r ntoya ufasha abafite ingorane.

- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya s ntoya na S nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti. (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya s ntoya na S nkuru abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye guhuza inyuguti ya s ntoya na S nkuru.

- Tondeka udukarita hasi tuvangavanze inyuguti nkuru higanjemo inyuguti ya S nkuru ugende usigamo umwanya hagati y'ikarita n'indi.
- Shyira ku ruhande udukarita twanditseho inyuguti ya s ntoya.
- Tanga urugero ufata ikarita ya s ntoya uyishyire iruhande rw'inyuguti ya S nkuru.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya s ntoya na S nkuru ufashe abafite ingorane.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza.

Kwandika inyuguti ya s ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditseho inyuguti ya s ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya s ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya s ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya s ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditseho inyuguti ya s ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya s ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya s ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **s** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatanu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, o, p, r, s ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya **s** intoya, iyi ni inyuguti ya **a** ntoya, iyi nyuguti ni **b** ntoya...
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bavuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

. Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya R nkuru na r ntoya, n' inyuguti ya S nkuru na s ntoya, batazituranya.

8:50-9:20: Nkunda Imibare 

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Kubara ibintu icumi (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

10



- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: utubuye, uduti, ibikombe, ibibabi n'ibindi.
- Saba abana kubara ibintu icyenda (9): Urugero : intoki icyenda, amakaramu

y'igiti icyenda

- Saba abana kongeraho ikintu kimwe ku bintu icyenda bafite.
- Saba abana kubara ibintu bafite byose hamwe bakubwire icyo babonye : urugero : mfite amakaramu icumi, mfite amakayi icumi yose hamwe, mfite ibikombe icumi, mfite utubuye icumi twose hamwe, n'ibindi.
- Saba abana kuja hanze bazane ibintu icumi (10) : utubuye icumi, amababi icumi, uduti icumi, n'ibindi.
- Reba ko buri mwana yashoboye kuzana ibintu 10, ufashe abafite imbogamizi muri iki gikorwa.
- Saba abana bamwe baze umwe umwe imbere y'abandi babare ibintu icumi bavanye hanze. Urugero : akabuye kamwe, utubuye tubiri, utubuye dutatu, utubuye tune, utubuye dutanu, utubuye dutandatu, utubuye turindwi, utubuye umunani, utubuye icyenda, utubuye icumi.

Icyitonderwa : Igihe abana bagiye hanze baherekeze kandi ubabuze kuja ahantu hari ibintu byateza impanuka.

Kubaka umubare 10 yifashishije ibintu bifatika : Utubuye (Ku wa Gatatu)

- Tegura utubuye abana bose bari bukoresha.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora **umubare 10**.
- Tanga urugero wubake **umubare 10** ukoresheje utubuye.





- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora **umubare 10** kandi atareba aho uwo mubare wanditse.


Kwandika umubare 10 akoresheje ikaramu y'igiti (Ku wa Kane)

Umubare **10**

- Tegura amakayi zanditse umubare 10 mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika umubare 10 mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike umubare 10 mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika umubare 10 mu tudomo ufasha abafite ingorane



- Andika umubare 10 inshuro nyinshi aho abana bareba (Ku wa Gatanu)
- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika umubare 10
- Saba abana bandike umubare **10** mu makaye yabo.



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana babara, bagakora ibirundo by'ibintu icumi kandi bakandika uwo mubare 10 batawureba.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye.

Kuvuga indwara ziterwa n'umwanda

- ✓ Bwira abana ko mugiyeye kwiga indwara ziterwa n'umwanda.
- ✓ Baza abana niba hari uwigeze arwara kuruka, guhitwa no kuruka.
- ✓ Bwira abana indwara ziterwa n'umwanda: **Kuruka, guhitwa, inzoka** biterwa no kugira umwanda, kurya udakarabye, kudakara uvuye mu bwihereho, kurya cyangwa kunywera mu bintu bitogeje, kurya ibiryo bayakaye hasi, kurya ibiryo bidapfundikiye byagiyemo udukoko dutera indwara: amasazi.
- Shimira abana ko bagize imyitwarire myiza batege amatwi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga indwara ziterwa n'umwanda n'uburyo zandura.



9: 30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Kuririmba bagenda kuri gahunda bajya hanze

Gukina umukino wo kugenda bunamyeye

- Babwire ko mugiyeye gukina umukino wo kugenda mwunamyeye.
- Sobanura uko umukino ukinwa: uragenda wunamyeye, ninkoma amashyi uhagarare ninongera gukoma amashyi wongere ugende wunamyeye.
- Ereka abana urugero.
- Saba abana gutangira umwitozo, ugenzura ko abana bakurikiza amabwiriza y'umukino.
- Koresha uwo mwitozo abana bose.
- Shimira abana mukoma amashyi: urakoze ni byiza

Indi mikino abana bashobora gukina itandukanye.

- Gusimbuka umugozi, gukina umupira, kubaka n'amatafari, nibindi.
- Tegura ibi bikoresheho: imigozi, imipira yo gukina, udutafari dukoze mu bito n'ibindi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko buri mwana azi akurikiza amabwiriza y'umukino agenda yunamyeye.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Gusoma no gusubiza ibibazo ku nkuru

- Itegere: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana.
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi.
- Bwira abana uko inkuru mugiyeye gusoma yitwa.
- Somera abana inkuru ikurikira inshuro 2, witonze, wifashishije amashusho n'inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Inkuru: Telefone ni nziza





Uwera yagiye ku isoko guhaha , agezeyo agura igitoki, ibirayi, ifu y'igikoma, inansi n'amagi. Amaze kwishyura abona ko amafaranga ashize kandi ataragura imboga. Kubera ko batajya barya ibiryo bitagira imboga, yigira inama yo guhamagara nyina kuri telefone. Uwera afata telefone ahamagara nyina ati: "Alooo mama! Ko amafaranga ashize ntaragura imboga". Nuko nyina aramusubiza ati: "Reka nohereze murumuna wawe ayakuzanire. Nako reka nyohereze kuri telefone ndumva hataburaho ayo kugura imboga".

Mu minota mike Uwera arebye kuri telefone yabonye ubutumwa bumubwira ko yakiriye amafaranga, nuko agura imboga arataha. Ageze mu rugo, nyina aramubwira ati: "Burya telefone ifite akamaro. Urabona ukuntu ubangutse kandi ukazana ibyo nagutumye byose!"

Ibuka gusuzuma intambwe abana bagezeho muri iki cyumweru wifashishije ibi bibazo:

- 1) Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: **Telefone ni nziza**)
- 2) Uwera yagiye ku isoko guhaha iki? **Uwera yagiye guhaha igitoki, ibirayi, ifu y'igikoma, inanasi, amagi n'imboga.**



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo :Nimuze dukine.

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo : Itumanaho ryacu (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere ubanza kwitoza kuririmba neza indirimbo **“Itumanaho ryacu”** mbere yo kuyigisha abana.

Indirimbo: Itumanaho ryacu

Telefone yacu irasona tri, trii, trii

Nkayitaba nti “Alooo, karame”

Nkamenya amakuru y’inshuti.

Radiyo yacu ndayicana;

Tukumva amakuru n’ibiganiro,

Ikinamico n’indirimbo.

- Itegere ubanza kwitoza kuririmba neza indirimbo ijyanye n’ **Itumanaho** mbere yo kuyigisha abana.
- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe

Umukino: Kuvuza ikinyuguri

- Tegura ikinyuguri ukoresheje amacupa ushyiremo utubuye duke.
- Shyira abana ku ruziga, ubabwireko bakoma amashyi bakurikije injyana y’ikinyuguri.
- Bwira abana ko nujejeza (kuzunguza) ikinyuguri buhoro bakoma amashyi buhoro noneho nujejeza ikinyuguri cyane bakoma mashyi cyane.
- Genda uhindura injyana: urugero:ujejeza rimwe , uhagarare, ujejeza kabiri uhagarare abana bigana injyana.
- Shimira abana akazi keza bakoze! ”



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

- Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe indirimbo y'itumanaho kandi ko ayiririmba agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo
- Genzura ko bana bakurikiza amabwiriza ajoyanye n'ijyana yo kuvuza ikinyuguri

Gukora terefone mu kivovo cyangwa mu gikarito.

Gushushanya radiyo (Ku wa Gatatu)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya radiyo.
- Genzura ko buri mwana arimo gushushanya radiyo.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimire abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!
- Soza igikorwa ushimire abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Gushushanya televiziyo (Ku wa Gatatu)

Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya imodoka.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Kugenzura ko buri mwana yakoze ibikorwa bijyanye no gushushanya akurikije urugero yahawe.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Umukino wo kuvugira kuri telefone

Tegura mbere ibikoresho bikurikira: telefone ebyiri zikoze mu bivovo by'insina.

- Shyira abana ku ruziga.
- Sobanura uko umukino wo kuvugira kuri telefone bawukina.
- Ereka abana telefone zikoze mu bivovo.
- Saba umwana umwe afate telefone nawe ufate iyindi muhagaze muhanye intera hanyuma muhamagarane mubazanye amakuru.
- Saba abana babiri (2) gufata telefone bahagarare bahanye intera babazanye amakuru kuri telefone.
- ✓ Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza
- ✓ Koresha uwo mwitoto abana bose.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko buri mwana akina umukino wo kuvugira kuri telefone kandi atanga ubutumwa adacurikiranya amagambo.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti: ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuvuga umuvugo (Buri munsi kuri iyi saha)


Umuvugo: *Nkunda gutega amatwi*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- ✓ Genzura ko umwana yashoboye kuvuga umuvugo “ **Nkunda gutega amatwi**” adacurikiranya amagambo.



Guhuza inyuguti ya t ntoya na T nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya r ntoya na R nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya t ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya t ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya t ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya t ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya t ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.





- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **t** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **t** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **t** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **t** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Guhuza inyuguti ya u ntoya na U nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti(Ku wa Gatatu)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya r ntoya na R nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya u ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditseho inyuguti ya **u** ntoya zanditse mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **u** ntoya ziri mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **u** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **u** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **u** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **u** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **u** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **u** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita twinshi turiho inyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, o, p, r, s, t, u ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya J nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo muvuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya T nkuru na t ntoya n'inyuguti ya U nkuru na u ntoya batazitiranya.



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Kuririmba indirimbo yo kubara imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10: Mubare 1 uri hehe?

- Itegere ubanza kwitoza kuririmba neza indirimbo "Mubare 1 uri hehe?" mbere yo kuyigisha abana

1) Mubare 1, mubare 1 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

2) Mubare 2, mubare 2 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

3) Mubare 3, mubare 3 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

4) Mubare 4, mubare 4 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

5) Mubare 5, mubare 5 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

6) Mubare 6, mubare 6 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

7) Mubare 7, mubare 7 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ngwino ndishimye.

8) Mubare 8, mubare 8 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

9) Mubare 9, mubare 9 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye.

10) Mubare 10, mubare 10 uri hehe?

Ndi hano, ndi hano ndishimye

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo.
- Fatanya n'abana kuririmba.
- Shyira abana mu matsinda baririmbe buri mubare mugezeho.
- Shyira umwana umwe imbere aze aririmbe umubare mugezeho.
- Komeza utyo ku mibare yose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe indirimbo yose mu mutwe.
- Shimira abana mukoma mu mashyi : muririmbye neza cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko abana babara imibare mu ndirimbo kuva kuri 1 kugeza ku icumi bayikurikiranya.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Kuvuga uburyo bwo kwirinda indwara ziterwa n'umwanda

- ✓ Banza usubiremo indwara ziterwa n'umwanda n'uburyo zandura.
- ✓ Baza bana niba bazi uburyo bakwirinda kwandura izo ndwara.
- ✓ Uhereye ku bumenyi bafite, bwira abana indwara ziterwa n'umwanda n'uburyo bwo kuzirinda.
- Sobanurira abana ko bagomba kujya bakaraba intoki mbere yo kurya na nyuma yo kujya mu bwihereho, kwirinda kurya ibyatakaye hasi kugirango babashe kwirinda izo ndwara.
- ✓ Bwira abana ko iyo umwana arwaye indwara ziterwa n'umwanda agomba kujya kwa muganga bakamuha imiti kandi akayinywa akayimara.
- ✓ Shimira bana ko bagize imyitwarire myiza batega amatwi. Murakoze.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura buri gihe ko abana bakaraba intoki bagiye kurya, bavuye mu bwihereho, birinda kurya ibyatakaye hasi bagamije kwirinda indwara ziterwa n'umwanda.



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Gukina umukino wo kugendera ku kaguru kamwe

- Jyana abana hanze.
- Babwire ko mugiyeye gukina umukino wo kugendera ku kaguru kamwe.
- Sobanura uko umukino wo kugendera ku kaguru kamwe ukinwa.
- Ereka abana urugero ugendera ku kaguru kamwe.
- Saba abana kugendera ku kaguru kamwe mu matsinda ya batatu.
- Genzura ko abana bakurikiza bagendera ku kaguru kamwe.
- Koresha uwo mwitoto abana bese.
- Shimira abana mukoma amashyi: urakoze ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko buri mwana ko akurikiza amabwiriza y'umukino agendera ku kaguru kamwe.

Gukina imikino bihitiyemo

Gutera umupira, gusimbuka umugozi n'indi mikino abana bihitiyemo.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

- Ongera usomere abana inkuru **“Telefone ni nziza”** iri mu cyumweru cya mbere.
- Baza abana ibibazo bikurikira:
 - 1) Ni iki Uwera yari ashigaje kugura, igihe yabonaga ko amafaranga adahagije?
(Ni imboga)
 - 2) Uwera yabigenje ate amaze kubona ko amafaranga adahagije?
(Yahamagaye nyina)
 - 3) Nyina wa Uwera yakoze iki amaze kumva ko amafaranga Uwera yajyanye adahagije? **(Yamwoherereje amafaranga kuri telefone)**



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo :Nimuze dukine.

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange .

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

Indirimbo: Itumanaho ryacu

Kubumba telefoni

- Tegura ibumba
- Bwira abana ko bagiye kubumba telefoni
- Ha abana ibumba ubasabe kubumba telefoni
- Fatanya n'abana kubumba telefoni
- Itegereze uko abana babumba telefoni, utanga ubufasha aho bukenewe
- Shimira abana.

Gushushanya radiyo

- Tegura amakayi n'amakaramu y'igiti
- Bwira abana ko bagiye gushushanya radiyo
- Ha abana amakayi n'amakaramu y'igiti ubasabe gushushanya radiyo
- Itegereze uko abana bashushanya radiyo, utanga ubufasha aho bukenewe
- Shimira abana ko bashushanyije radiyo

Gushushanya telefone

Icyitonderwa : kora nk'uko wakoze ushushanya radiyo

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana yakoze ibikorwa bijyanye no kubumba no gushushanya akurikije urugero yahawe.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Amezi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Umukino wo kuvugira kuri telefone ukoresheje urudodo

- Kora "telefone" uhuza yoroshye uhuza udukarito tubiri tw' ibibiriti dutoboye ukoresheje umugozi/urudodo, urebe ko umugozi uri hagati y'ibibiriti ureze neza.
- Baza abana akamaro ka telefone hanyuma utsindagire ibisobanuro byabo uvuga ko ifasha abantu guhamagarana hagati yabo.
- Ereka abana telefone yo mu kibiriti hanyuma ubasobanurire ko bagiye guhamagarana bakoresheje iyi "telefone."
- Tanga urugero ufanya n'umwana guhamagarana mukoresheje telefone ikoze mu kibiriti.
- Hereza abana babiri telefone ikoze mu kibiriti bahamagarane.
- Genda uhinduranya abana bavugire kuri telefone.
- Baza abana ibyo bumvise igihe bakoreshaga telefone.
- Shimira abana ku murava bagize bakoresha telefone.



Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana akina umukino wo kuvugira kuri telefone kandi atanga ubutumwa adacurikiranya amagambo.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)

Umuvugo: *Nkunda gutege amatwi*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

✓ Genzura ko umwana yashoboye kuvuga umuvugo: *"Nkunda gutege amatwi"*

Guhuza inyuguti ya v ntoya na V nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya r ntoya na R nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya c ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya v ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya v ntoya mu tudomo.

- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **v** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **v** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.





- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **v** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **v** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **v** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **v** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!



Guhuza inyuguti ya **w** ntoya na **W** nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Gatatu)



Icyitonderwa: Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya **r** ntoya na **R** nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya **w** ntoya : ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **w** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **w** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **w** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **w** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **w** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **w** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **w** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **w** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatatu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita turiho inyuguti ya a, b, c, d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, o, p, r, s, t, u, v, w ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya G nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kwibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo muvuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya V nkuru na v ntoya n'inyuguti ya W nkuru na w ntoya batazituranya.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Gukina umukino berekana amakarita y'imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 bakurikije umubare baririmbye : Mubare 1 uri hehe ? (Ku wa mbere)

- Tegura amakarita muribwifashishe ariho imibare kuva kuri 1-10.
- Musubiremo indirimbo mwize mu cumweru gishize **"Mubare 1 uri hehe?"**
- Kora itsinda ry'abana 10.
- Fata ikarita iriho umubare 1 ubereke urugero.
- Saba abana kuririmba ngo mubare 1, mubare 1, uri hehe? Nibarangiza baceceke, wigire imbere ubereke ya karita yanditseho umubare 1, uririmbe uti: ndi hano, ndi hano ndishimye.
- Saba abana baririmbye umwana ufite ikarita yanditseho umubare 2. **mubare 2, mubare 2, uri hehe?** Bwira uwo mwana yigire imbere yerekane iyo karita yanditseho umubare 2 aririmbe ngo: **ndi hano, ndi hano ndishimye.**
- Saba abana kuririmba imibare ikurikiyeho kugeza imibare yose kuva kuri 1 kugera 10 irangiye.
- Ongera usubiremo umukino udakurikiranya imibare, urebe ko abana bamenye gutandukanya imibare.
- Urugero: ririmba umubare 5,3,7,9.
- Komeza utyo ku mibare yose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe indirimbo yose mu mutwe.
- Shimira abana mukoma mu mashyi : muririmbye neza cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko abana bakina umukino berekana ikarita y'umubare baririmbye batayitiraya n'indi mibare.

Umukino:Gushaka umubare ubura(Ku wa kabiri no ku wa gatatu)


- Tegura amakarita y'imibare akoze mu bikarito yanditseho imibare kuva 1-10 .
- Shyira abana ku gice cy'uruziga bicaye .
- Tondeka amakarita ku murongo imbere y'abana uherye ku mubare 1 kugeza 10.
- Fatanya n'abana kubara iyo mibare muherereye kuri 1 kugera ku 10 .

- Nyuma yo kubara, bwira abana gufunga amaso.
- Mu gihe amaso yabo afunze, hindura, wubike ikarita imwe hasi (urugero, numero 3).
- Basabe gufungura amaso hanyuma bagerageze gutahura umubare w'ikarita yabuze.
- Bikore ku mibare inyuranye , batahura ikarita yabuze.
- Shimira abana ku gikorwa bamaze gukora.



Umukino: Guhuza imibare(Ku wa kane no ku wa gatanu)

- Tegura amakarita 10 yanditseho imibare (1-10), n'amakarita 10 yanditseho utudomo (1-10).
- Shyira abana hamwe. babwire ko "Uyu muni buri wese arahabwa ikarita iriho umubare cyangwa iriho utudomo.
- Hereza buri mwana ikarita, yaba iyanditseho umubare cyangwa utudomo.
- Saba abana kuzenguruka bashakisha bagenzi babo bafite ikarita bahuje. Urugero, ufite ikarita yanditseho '3', arashakisha ufite ikarita yanditseho utudomo '3'.
- Bwira abana ko bategereza kugeza bagenzi babo bose babonye abo bahuje.
- Shimira abana igikorwa bamaze gukora.





9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Kuvuga indwara zandura no kuzirinda

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga indwara zandura
- Bwira abana indwara zandura:
 - ✓ **Ibicurane n'inkorora** birandura iyo umwana yitsamuriye cyangwa ukororeye kuri mugenzi we; kwipfunisha intoki ugakora kuri mugenzi wawe igihe urwaye ibicurane.
 - ✓ **Amaso** nayo arandura iyo wikoze mu maso warangiza ugakora mu maso ya mugenzi wawe.
 - ✓ **Ibihushi, ibihara n'iseru** ni indwara z'uruho zandura bitewe no gufatanya ibikoresho by'isuku, imyenda by'uzirwaye.
- Shimira abana ko bagiye kugira imyitwarire myiza batege amatwi. murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Saba abana ku kubwira indwara zandura n'uburyo bazandura.



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina umukino wo kunaga umupira ku ijerekani

- Tegura ibikoresho mbere aribyo umupira n'ijerekani irimo ubusa.
- Jyana abana hanze.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo kunaga umupira ukoresheje amaboko ugatera ijerekani.
- Ereka abana urugero, unaga umupira ku ijerekani.
- Shyira abana ku murongo, buri wese agende anaga umupira ku ijerekani.
- Genzura ko abana bakurikiza amabwiriza y'umukino.
- Koresha uwo mwitoto abana bose.
- Shimira abana mukoma amashyi: urakoze ni byiza

Gukina imikino abana bihitiyemo

Gutera umupira, gusimbuka umugozi

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko buri mwana ko akurikiza amabwiriza y'umukino anaga umupira ku ijerekani.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Umwitoto ufatiye ku nkuru

- Ongerera usomere abana inkuru “**Telefone ni nziza**”.
- Saba buri mwana kuvuga icyo yari gukora iyo aza kuba ari we wagiye guhaha amafaranga akamushiriraho.



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange.*

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

Indirimbo: *Itumanaho ryacu*

Gushushanya ibikoresho by'itumanaho

Icyitonderwa : bikore nk'uko wabikoze mu cyumweru gishize mu gushushanya.

Kuzinga udupapuro bagakora telefone (Ku wa Gatatu)

- Tegura udupapuro abana bari bukoresha.
- Zinga agapapuro ukore telefone.
- Fatanya n'abana kuzinga udupapuro bakore telefone.
- Soza igikorwa ushimira abana ko bakoze telefone uti: Murabikoze, mama shenge we.

Umukino: kuvuza ikinyuguri(bikore nkuko wabikoze mu cyumweru cya mbere ukwezi kwa 11)

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana yakoze ibikorwa bijyanye no kubumba no kuzinga udupapuro akurikije urugero yahawe.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Amezi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Abarezi bacu baradukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Iminsi yose, buri munsi kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Umukino wo gutanga ubutumwa

- Shyira abana ku ruziga ubabwire ko mugiyeye gukina umukino wo gutanga ubutumwa.
- Bwira abana ko iyo uyu mukino bawukina bongorerana ubutumwa bahawe nawe kugeza abana bose barangije.
- Bwira abana ko ubwo butumwa ari ibanga ntawe uri bubuvuye cyane, ko ari ukuvuga buhoro kugirango hatagira ubwumva.
Urugero rw'ubutumwa: Nkunda gukina n'abandi bana.
- Ereka abana uko bakina uyu mukino.
- Ongorera umwana ngo **"Nkunda gukina"** n'abandi bana, hanyuma umusabe ko ubutumwa umuhaye ari ibanga nawe abwongerere mugenzi we.
- Saba abana kubwirana ubutumwa mu ibanga kugeza aban bose ubutumwa bubagezeho.
- Saba abana umwana wa nyuma kukubwira ubutumwa bwamugezeho.
- Bwira bana bose ubutumwa wari wavuze ko batanga.
- Ibuka gushimira abana bose mukoma amashyi: urakoze ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana akina umukino wo kubwira ubutumwa mugenzi we kandi atanga ubutumwa adacurikiranya amagambo.



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)


Umuvugo: *Nkunda gutege amatwi*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko umwana yashoboye kuvuga umuvugo yifitiye ikizere kandi adacurikiranya amagambo.



Guhuza inyuguti y ntoya akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Mbere)




Icyitonderwa : Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya r ntoya na R nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti y ntoya: ku wa kabiri (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti y ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti y ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti y ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti y ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti **y** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti **y** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti **y** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti **y** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!


Guhuza inyuguti ya z ntoya na Z nkuru akoresheje amakarita y'inyuguti (Ku wa Gatatu)



- **Icyitonderwa:** Kora nk'uko wakoze ku nyuguti ya r ntoya na R nkuru mu cyumweru cya mbere kandi wibuke gushimira abana bamaze gukora umwitozo.

Kwandika inyuguti ya z ntoya: ku wa kane (Uyu mwitozo ugenewe abana b'imyaka 5)

- Tegura amakayi zanditsemo inyuguti ya **z** ntoya mu tudomo n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wandika inyuguti ya **z** ntoya mu tudomo.
- Saba abana gufata ikaramu y'igiti, bandike inyuguti ya **z** ntoya mu tudomo.
- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **z** ntoya ziri mu tudomo, ufasha abafite ingorane.



- Tegura amakayi yanditsemo inyuguti ya **z** ntoya n'amakaramu y'igiti.
- Tanga urugero wereka abana uko bandika inyuguti ya **z** ntoya.
- Bwira abana bandike inyuguti ya **z** ntoya bigana iziri mu makayi yabo.



- Gendagenda mu bana ureba uko bandika inyuguti ya **z** ntoya ufasha abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Gukina umukino wo kuvuga inyuguti ntomboye (Ku wa Gatanu)

- Tegura udukarita turiho inyuguti nkuru zose.
- Tegura udukarita turiho inyuguti ya a, b, c d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, o, p, r, s, t, u, v, w, y, z ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gutombora inyuguti mukavuga amazina yazo.
- Vangavanga amakarita hanyuma uyubike hasi.
- Tanga urugero: ubura ikarita uyifate uvuge izina ry'inyuguti iriho wereke abana bose.
- Vuga ngo iyi ni inyuguti ya H nkuru, iyi ni inyuguti ya a ntoya, iyi nyuguti ni b ntoya.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutombora inyuguti bakavuga amazina yazo, ufashe abafite ingorane zo kutibuka amazina yazo.
- Saba abana gushimira mugenzi wabo bavuga ngo: arabikoze, arabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ya Y nkuru na y ntoya n' inyuguti ya Z nkuru na z ntoya batazimiranya.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Gukoresha indangahantu : Hafi na Kure**Hafi**

- Tegura umupira wo gukina, ijerekani kuko muri bubyifashishe.
 - Saba umwana umwe kuza imbere.
 - Saba undi mwana wa kabiri kuza umwereke aho hagarara hafi.
 - Baza abana aho umwana wa kabiri ahagaze.
- Urugero: Gatesi ahagaze hafi ya Mugabo.*
- Tereka ijerekani imbere.
 - Shyira umupira hafi y'ijerekani, baza abana aho umupira wo gukina uherereye.
 - Urugero: umupira wo gukina uri hafi y'ijerekani.
 - Tanga ubufasha mu gihe batabashije kubimenya.
 - Jyana abana hanze mwigereze ibintu biri hafi y'inzu y'irerero ubasabe kubivuga.
- Urugero: hafi y'irerero hari ibiti.*
- Tanga ubufasha ku bana bafite imbogamizi zo kumenya ikiri hafi.
 - Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze mama shenge we.

Kure



- Bwira abana ko mugiyeye kwerekana ibintu biri kure.
- Kora uyu mwitoto nk'uko wawukoze wigisha hafi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana azi gutandukanya ibintu biri hafi n'ibiri kure.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Kuvuga indwara zandura no kuzirinda

- ✓ Bwira abana ko mugiyeye kwiga uburyo bwo kwirinda indwara zandura.
- ✓ Saba abana ku kubwira indwara zandura.
- ✓ Sobanurira abana uburyo bwo kwirinda indwara zandura:
- ✓ Igihe urwaye ibicurane n'inkorora ugomba kwifuka, ukagenda umuswaro.
- ✓ Igihe urwaye amaso nugomba kwirinda kuyakoramo
- ✓ Igihe urwaye ibihushi, ibihara n'iseru ugomba gukoresha ibikoresho bisukuye kandi ukirinda kwambarana imyenda n'abandi igihe uyirwaye.
- ✓ Bwira abana ko iyo umwana arwaye indwara zandura n'izitanduka agomba kujya kwa muganga bakamuha imiti kandi akayinywa akayimara.
- ✓ Bwira abana ko bagomba kujya birinda indwara zandura.
- ✓ Shimira bana ko bagize imyitwarire myiza batege amatwi. murakoze cyane.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana ku kubwira uburyo birinda indwara zandura ugenzure ko yubahiriza amabwiriza yo kuzirinda.

Urugero: igihe umwana arwaye ibicurane niba agenda agatambaro ko kwimyira.



9: 30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina umukino wo gusimbuka begeranyije amaguru

- Jyana abana hanze.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino wo gusimbuka begeranyije amaguru.
- Ca umurongo utambitse ahantu hari intera ngufi.
- Ereka abana urugero usimbuka wegeranyije amaguru ugere kuri wa murongo utambitse.
- Shyira abana mu matsinda y'abana 3, ubasabe kwegeranya amaguru bagende basimbuka kugera kuri wa murongo.
- Koresha uwo mwitoto abana bose.
- Shimira abana mukoma amashyi: urakoze ni byiza

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Gutera umupira, gusimbuka umugozi n'ibindi

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko buri mwana ko akurikiza amabwiriza agenda asimbuka yegeranya amaguru .



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Umwitoto: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi: "Telefone ni nziza"

- Ongera usomere abana inkuru.
- Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru "Telefone ni nziza".



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo y'ukwezi (Buri munsi kuri iyi saha)

Indirimbo: Itumanaho ryacu

Umukino:Kwandikira ababyeyi ibaruwa (Mu misharabiko)

- Tegura amakaramu y'igiti n'amakaye
- Bwira abana ko bagiye kwandikira amabaruwa ababyeyi babo.
- Ha abana amakaramu cyangwa amakaramu y'ibiti hanyuma ubaramburire ahari urupapuro rutanditseho.
- Bwira abana ko bagiye kwandikira ababyeyi babo amabaruwa hanyuma muri iyo baruwa banabashushanyirize ibintu bashaka .
- Baza buri mwana akubwire ubutumwa yandikiye ababyeyi be.
- Saba abana baze kwereka ababyeyi babo amabaruwa babandikiye kandi ubashishikarize kuza kuyabasomera.
- Shimira abana igikorwa bamaze gukora.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha:

Kugenzura ko buri mwana yakoze ibikorwa bijyanye no kwandika ibaruwa .



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Amezi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Insanganyamatsiko: Iminsi mikuru



Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa **cumi na kabiri** bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **“Iminsi mikuru”** igamije gufasha umwana gufasha abana gutandukanya iminsi mikuru yo mu muryango, iminsi mikuru ya Leta, iminsi mikuru ishingiyeye ku myemerere; kugaragaza ibiranga iminsi mikuru, ibikorwa mu minsi mikuru no kumenya uko bitwara mu minsi mikuru.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.*



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha) Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Kwitegereza no kuvuga ibijyanye n'iminsi mikuru

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana imwe mu minsi mikuru twizihiza.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho y'iminsi mikuru.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
Urugero: Ndabona abantu benshi, ndabona abantu bari mu bukwe...
- Bwira abana ko tugiye kwiga iminsi mikuru.
- Saba buri mwana kukubwira iminsi mikuru babonye ku mashusho
Urugero: ubukwe, isabukuru ...
- Saba abana kuvuga iminsi mikuru bizihiza iwabo.
Urugero: ubunani, noheri...
- Sobanurira abana ubabwira uko bitwara mu minsi mikuru nibibagora ubafashe.
- Sobanurira abana ko mu minsi mikuru abana bambara imyenda imeshe, ntibakubagana ngo bakinire cyangwa bagendagende mu bantu, baricara bagatega amatwi amagambo bavugira mu minsi mikuru.
- Saba abana gushimira mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza
- Koresha uwo mwitoto abana bose.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

1.Saba abana ku kubwira uko bitwara iyo iwabo habaye iminsi mikuru.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo: (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere usoma umuvugo mbere yo kuwusomera abana:

Umuvugo: Mbega umunsi udasanzwe

Dore umunsi mukuru udasanzwe

Umunsi twazindutse dukeye

Twambaye neza, dusa neza

Twabukereye ngo dusezere

Abarezi na barumuna bacu

Twasangiyeye byose mu irerero.

Igihe cyo kuvuga ijambo kigeze

Twavugiye hamwe tugira tuti

« Turabashimiye barezi beza

Mwadutoje ikinyabupfura,

Isuku ni yose murabireba.

Kuririmba no kubara tubizi neza,

Kuvuga imivugo byo ni ibyacu

Aho tugiye mu mashuri abanza

Ntibazaduhiga mutwizere.

Imana ibaduhere umugisha. »

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi


Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo yize “**Mbega umunsi udasanzwe**” kandi ko awuvuga agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo.

Gukina umukino wo guhuza inyuguti ntoya n’inkuru akoresheje amakarita y’inyuguti.

- Tegura udukarita turiho inyuguti zose nkuru.
- Tegura udukarita turiho inyuguti zose ntoya.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino guhuza inyuguti ntoya n’inkuru.
- Kora amatsinda abiri y’abana.
- Hereza abana bo mu itsinda rya mbere amakarita ariho inyuguti nkuru.
- Hereza abana bo mu itsinda rya kabiri amakarita ariho inyuguti ntoya.
- Ereka abana uko mugiyeye gukina umukino: fata ikarita iriho inyuguti nkuru ushake umwana ufite ikarita iriho inyuguti ntoya zihuje.

Urugero: fata ikarita iriho inyuguti ya J nkuru uhagararane n’umwana ufite inyuguti ya j ntoya.

- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto wo gushaka umwana bahuje inyuguti.
- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ntoya n’inkuru ufashe abafite ingorane.
- Fatanya n’abana gushimira buri mwana ukoze umwitoto muvuga muti: Urakoze ni byiza.




Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Ingero z’ibikorwa wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti nkuru n’ intoya batazimiranya.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Guteranya ibintu bifatika bitarenze 5

- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu guteranya: utubuye, uduti n'ibindi.
- Bwira abana ko mugiyeye kubara muteranya ibintu.
- Bara agati kamwe ugashyire ku ruhande, bara akandi gati kamwe ugashyire ku rundi ruhande.
- Bwira abana uti: "tugiyeye guteranya uduti twose hanyuma tutubare".
Urugero: agati kamwe guteranyaho agati kamwe bingana n'uduti tuburi.
- Bara utubuye tubiri udushyire hamwe ukore ikirundo cya mbere, bara nanone akandi kabuye kamwe ugashyire ku rundi ruhande.
- Bwira abana uti: Tugiyeye kubara utubuye tubiri duteranyeho akabuye kamwe.
Urugero: utubuye tubiri guteranyaho akabuye kamwe bingana n'utubuye dutatu.
- **Ha buri mwana ikirundo cy'utubuye, mukorane umwitozo mukurikije izi ntambwe:**
 - ✓ Hitamo kubara umubare w'amabuye ushaka atarenze atanu mukore ikirundo cya mbere.
 - ✓ Genzura ko abana babaze uwo mubare bagakora ikirundo cy'uwo mubare.
 - ✓ Hitamo kubara umubare w'amabuye ushaka atarenze atanu mukore ikirundo cya kabiri.
 - ✓ Genzura ko abana babaze uwo mubare bagakora ikindi kirundo.

- Bwira abana uti: “tugiye kubara amabuye yose tuyateranyije”.

Urugero:

- ✓ Mubare utubuye 2 mukore ikirundo cyayo, mubare utubuye 2 mukore ikindi kirundo.
- ✓ Mubare utubuye twose.
- ✓ Baza buri mwana umubare w’utubuye twose yabonye.
- Saba umwana aze imbere akore uwo mwitoto.
- Koresha uwo mwitoto wo guteranya ibintu bifatika abana bose, ufashe abafite ingorane.
- Fasha abana gushimira bagenzi babo muvuga muti: uturabo, uturabo, uturabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Ingero z’ibikorwa wakwifashisha:

Genzura ko abana bateranya ibinu bifatika bitarenze bitanu.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gufunga no gufungura imishumi y’inkweto

- Erekerana buri mwana uhereye ku nkweto yambaye uko bafunga bakanafungura imishumi y’inkweto.
- Bikore kenshi mu kwezi bitewe n’inkweto yaje yambaye.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Genzura ko abana bashoboye gufungura imishumi y’inkweto zabo abatazifite bakorere umwitoto ku za bagenzi babo.



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo itandukanye nko gusimbuka umugozi, gukina umupira n'ibindi kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.




10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Inkuru: Tujye guhaha iby'umunsi mukuru





Berwa na Shema bajyanye na nyina ku isoko kugura ibintu by'umunsi mukuru. Mama yaguriye Berwa ikanzu, agurira Shema ikabutura n'ishati. Bamaze kugura imyenda Shema ararira ngo arasha ko bamugurira n'ikoti. Nyina aramusubiza ati: "nsigaranye amafaranga yo kugura ibiribwa gusa, ikote nzarikugurira ubutaha". Shema akomeza kubabara, mushiki we Berwa aramubwira ati: "Shema, ibuka ko tugomba kwirinda gupfusha ubusa amafaranga tugura ibintu bidakenewe cyane. Ihangane uzambare rya koti ry'umukara ufite, kuko na ryo ni ryiza". Shema ahobera Berwa aramushimira ati: "Urakoze kungira inama. Kuzigama na byo ni ngomba." Barakomeza bajya guhaha barataha. Bageze mu rugo, Shema asaba imbabazi ko yaririyeye ibirenze ibyo bateganyaga kugura, maze nyina aramubabwirira.

- Ongera usomere abana inkuru.
- Baza ibibazo bikurikira:
 1. Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: **Tujye guhaha iby'iminsi mikuru.**)
 2. Ni bande bavugwaga muri iyi nkuru? **Ni Berwa, Shema na nyina.**
 3. Ese bagiye guhaha Berwa bamuguriye iki? **Berwa bamuguriye ikanzu.**



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze dukine.

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo: Nimushimwe babyeyi (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere ubanza kwitoza kuririmba neza indirimbo **“Nimushimwe babyeyi”** mbere yo kuyigisha abana

Indirimbo: Nimushimwe babyeyi

Nimushimwe babyeyiii

Nimushimwe bakundwa

Mushimirwe ibi byose

Twabanganya na nde? Shenge we.

Aba bana mureba

Ni mwebwe tubakesha

Iyo muba mudahari

Nti tuba duhariiii

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe.
- Abana bamaze gufata indirimbo, fatanya nabo kuyibyina

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha:

Genzura ko abana bose baririmba bakabyina bakurikije injyana.

Kubanga umupira wo gukina

- Tegura ibirere abana bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kubanga umupira.
- Ereka abana uko babanga umupira wo gukina.
- Fatanya n'abana kubanga umupira, ufasha abafite ingorane zo kubikora.
- Soza igikorwa ushimira abana ko babanze umupira wo gukina: murabikoze, mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha:

Genzura ko abana babanga umupira uko babishoboye, ushimira buri wese icyo yabashije gukora mu kubanga umupira.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Iminsi mikuru ishingiyeye ku myemerere

- Saba abana buri mwana kukubwira iminsi mikuru bizihiza iwabo.
- Sobanurira abana ko hari iminsi mikuru twizihiza bitewe naho dusengera.

Urugero:

- ✓ Abakirisitu bizihiza Noheri na pasika
- ✓ Abadiventisiti basenga ku isabato
- ✓ Abayisiramu bizihiza irayidi

- Sobanurira abana ko nubwo twese dusengera ahantu hatandukanye dusenga Imana.
- Bwira abana ko bakwiye kwitwara neza mu minsi mikuru ntibakubagane, igihe hari amafunguro bagomba kwitonda bagategereza ko bayabaha. Kandi ko batagomba kuyarwanira ko bibujijwe.
- Saba abana bose ko bazajya bitwara neza mu minsi mikuru mukoma mu mashyi: urakoze ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Saba buri mwana ku kubwira uko yitwara igihe yagiye gusenga.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri munsi kuri iyi saha)

Umuvugo: ***Mbega umunsi udasanze***

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo yize **“Mbega umunsi udasanze”** kandi ko awuvuga agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo.

Gukina umukino wo guhuza inyuguti ntoya n'inkuru akoresheje amakarita y'inyuguti.

Bikore nk'uko wabikoze mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi


Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti nkuru n' intoya batazituranya.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Guteranya ibintu bifatika bitarenze 10



- Bwira abana ko mugiyeye kubara muteranya ibintu
- Kora uyu mwitozo nk'uko wakoze umwitozo wo guteranya ibintu bifatika bitarenze 5 mu cyumweru cya mbere

Icyitonderwa: ibintu bifatika muteranya ntibirenge umubare 10 kuko bize kubara kuva kuri 1kugera ku 10 gusa.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bateranya bakanahuza ibintu bifatika bitarenze icumi.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye.

Gufunga no gufungura imishumi y'inkweto

- Bikore nk'uko wabikoze cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Saba abana gufungura imishumi y'inkweto zabo no kongera kuyifunga. Abadafite inkweto zifunze umwitozo bazawukorera ku nkweto za bagenzi babo.



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo itandukanye nko gusimbuka umugozi, gukina umupira n'ibindi kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

- Ongera usomere abana inkuru “**Tujye guhaha iby’iminsi mikuru.**” iri mu cyumweru cya mbere.
- Baza abana ibibazo bikurikira:
 1. Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: **Tujye guhaha iby’iminsi mikuru.**)
 2. Shema bamuriye iki? **Shema ikabutura n’ishati.**
 3. Ni iki cyatumye Shema aririra mu isoko ? **Yashakaga ko bamugurira ikote.**
 4. Ese na we ujya urira ngo bakugurire ibintu batateganyije?
 5. Kuki nyina atamuguriye ikoti? **Kuko yari asigaranye amafaranga yo kugura ibiryo gusa.**
 6. Berwa yabwiye iki Shema kugirango adakomeza kurira? **Yamubwiye ko bagombaga kuzigama amafaranga, batagomba kuyapfusha ubusa bagura ibintu bidakenewe cyane; ko azambara ikote afite mu rugo.**
 7. Iyo uza kuba Berwa wari kubwira iki Shema.



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy’imibare, inguni y’imikino yigana n’inguni y’ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo: Nimushimwe babyeyi (Buri munsi kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Kubanga umupira wo gukina

Kora nk'uko wabikoze mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha:

Genzura ko abana babanga umupira uko babishoboye, ushimira buri wese icyo yabashije gukora mu kubanga umupira.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Umukino wo gukina bigana ubukwe

- Tegura ibikoresho: ururabo, akameza, intebe, igitambaro, ibikombe.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino w'ubukwe.
- Ereka abana ibikoresho mugiyeye kwifashisha mu gukina umukino w'ubukwe.
- Saba abana gukina umukino w'ubukwe.
- Fatanya n'abana gukina umukino w'ubukwe.
- Fatanya n'abana kwandurura no gusukura aho bakiniye.
- Saba gukoma amashyi bishimira uburyo bakinnye umukino: urakoze ni byiza
- Koresha uwo mwitoto abana bese.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha:

Itegereze urebe uko abana bategura ibikoresho bifashisha mu mukino w'ubukwe n'uburyo bawukina.



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.

Kuvuga umuvugo (Buri munsi kuri iyi saha)

Umuvugo: Mbega umunsi udasanze

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo yize **“Mbega umunsi udasanzwe”** kandi ko awuvuga agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo.

Gukina umukino wo gutondeka amakarita ugakora izina

- Tegura agapaki ka buri mwana karimo udukarita twinshi turiho inyuguti zose nkuru bari bukoresha.
- Andika izina rya buri mwana ku gapuro ari burebereho akora izina rye.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino guhuza inyuguti nkuru, buri mwana agakora izina rye.
- Hereza buri mwana agapaki k’amakarita ariho inyuguti nkuru.
- Ereka abana urugero: fata agapaki k’amakarita uyatondeke ukore izina ry’umwana ukoresheje inyuguti nkuru urebera ku gapapuro kanditseho izina ryawe.

Urugero:KEZA

K E Z A

- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo wo gutondeka agakora izina rye akoresheje inyuguti nkuru.
- Genzura ko abana bose bashoboye guhuza inyuguti ntoya n’inkuru ufashe abafite ingorane.
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi: urakoze ni byiza.

Icyitonderwa: muri buri gapaki k’inyuguti habemo nibura inyuguti eshatu (3) zisa. Urugero: AAA, BBB, CCC, ...

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Ingero z’ibikorwa wakwifashisha:

Genzura ko abana bose bashoboye gutondeka amakarita bakandika amazina yabo.

8:50-9:20: Nkunda Imibare

1 2 3 4 5

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by’imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Gukuramo ibintu bifatika bitarenze 10



- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu gukuramo: utubuye, uduki.
 - Bwira abana ko mugiyeye kubara mukuramo.
 - Bara uduki dutatu.
 - Kuramo agati kamwe.
 - Bara uduki dusigaye.
- Urugero: uduki dutatu, gukuramo agati kamwe hasigara uduki tubiri.*
- Hereza umwana ikirundo cy'utubuye icumi.
 - Saba abana kubara utubuye tune.
 - Genzura ko abana babaze utubuye tune, abafite ingorane ubafashe.
 - Babwire gukuramo utubuye tubiri badushyire ku ruhunde.
 - Babwire babare utubuye dusigaye.
 - Mukomeze mukore imyitozo inyuranye yo gukuramo ibintu bifatika bitarenze 10.
 - Fasha abafite ingorane zo gukuramo ibintu bifatika bitarenze 10.
 - Shimira abana ukoma mu mashyamba uvuga uti : "Murabikoze ni byiza".

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha

Ha abana imyitozo yo gukuramo ugenzure ko abana bashoboye gukuramo bifashishije ibintu bifatika bitarenze icumi.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gufunga no gufungura imishumi y'inkweto

- Bikore nk'uko wabikoze mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Saba abana gufungura imishumi y'inkweto zabo no kongera kuyifunga. Abadafite inkweto zifunze umwitozo bazawukorera ku nkwezo za bagenzi babo.



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Genzura niba imbuga itunganyeye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo itandukanye nko gusimbuka umugozi, gukina umupira n'ibindi kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Umwitozo ufatiye ku nkuru

- Ongera usomere abana inkuru **“Tujye guhaha iby’iminsi mikuru”**.
- Saba buri mwana kuvuga icyo yari gukora iyo mama we yanga kumugurira ikote .



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo :*Nimuze dukine.*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze duhange.*

Kuririmba indirimbo: Nimushimwe babyeyi (Buri muni kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Kuboha umugozi wo gusimbuka

- Tegura ibirere abana bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kuboha umugozi wo gusimbuka.
- Ereka abana uko baboha umugozi wo gusimbuka.
- Fatanya n'abana baboha umugozi wo gusimbuka, ufasha abafite ingorane zo kubikora.
- Soza igikorwa ushimira abana ko baboshye umugozi wo gusimbuka: "murabikoze, mama shenge we".

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana baboha umugozi babishoboye, ushimira buri wese ko yabashije kuboha umugozi.



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: *Abarezi bacu baradukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane



7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, bwakeye umunsi w'umunezero.



8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Umukino wo gukina umukino w'isabukuru

- Shyira abana ku ruziga ubabwire ko mugiyeye gukina umukino w'isabukuru.
- Tegura ibikoresho: umugati w'isabukuru ubumbye mu ibumba ushinzemo uduti 4, icyuma cyo gukata umutsima gikoze mu giti, indabo.
- Bwira abana amabwiriza y'umukino:
 - ✓ barahitamo umwana wagize isabukuru y'imyaka ine.
 - ✓ Baramutakaho uturabo.
 - ✓ Bamuririmbire.
 - ✓ Akate umutsima. hanyuma ahereze bagenzi be basangire.

Icyitonderwa: uyu mutsima ukoze mu bitaka ni umukino ntabwo bari buwurye.

- Saba abana gukina umukino w'isabukuru.
- Fatanya n'abana gukina umukino w'isabukuru.
- Fatanya n'abana kwandurura no gusukura aho bakiniye.
- Saba abana gukoma amashyi bishimira uburyo bakinnye umukino: urakoze ni

byiza.

- Koresha uwo mwitoto abana bese.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa wakwifashisha:

Itegereze urebe uko abana bategura ibikoresho bifashisha mu mukino w'isabukuru n'uburyo bawukina.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ.



8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda

Kuvuga umuvugo (Buri munsi kuri iyi saha)

Umuvugo: Mbega umunsi udasanze

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo yize “**Mbega umunsi udasanze**” kandi ko awuvuga agaragaza amarangamutima adacurikiranya amagambo.

Gukina umukino wo gutondeka amakarita ugakora izina

Urugero: tondeka amakarita y'inyuguti nkuru wandike izina KEZA.



Kora nk'uko wabikoze mu cyumeru cya kabiri.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

- Genzura buri mwana wese ugiye kujya mu mashuri abanza ko azi gutondeka amakarita akandika izina rye.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Gukina umukino w'umuguzi n'umucuruzi bifashishije amafaranga y'u Rwanda :

Ibiceri : Frw10, Frw 20, Frw 50 Frw100

- Tegura mbere ibikoresho bikurikira muri bukoresho : kata udupapuro tune (4), wandikeho Frw10, Frw 20, Frw 50, Frw100, akameza, amakayi, amakaramu y'igiti, ibikombe n'ibandi wabona aho utuye.
- Shyira ku meza ibi bikoresho amakayi, amakaramu y'igiti, ibikombe.
- Bwira abana ko mugiyeho gukina umukino wo gucuruza.
- Sobanurira abana uko umukino ukinwa: umuntu ajya guhaha yitwaje amafaranga akabaza uko ibintu bigura, niba bihenze cyangwa bihendutse iyo bakugaruriye amafaranga urayazana wayabitse mu mufuka ukayahereza ababyeyi.
- Fatanya n'abana gukina umukino w'umuguzi n'umucuruzi.

Urugero :

- ✓ *Saba umwana umwe kuba umucuruzi ahagarare imbere y'akameza kariho ibicuruzwa.*
- ✓ *Fata agapapuro kanditseho Frw 100.*
- ✓ *Jya kugura ikaramu y'igiti.*
- ✓ *Umuguzi : Suhuza umucuruzi uti : mwiriwe ?*
- ✓ *Umucuruzi : mwiriwe neza mukiriya, tubahe iki ?*
- ✓ *Umuguzi : ndashaka kugura ikaramu y'igiti. Ni angahe ?*
- ✓ *Umucuruzi : ni amafaranga Frw100*
- ✓ *Umuguzi : Ko muhenda ? wangabayirije nkagura.*
- ✓ *Umucuruzi : oya ntabwo duhenda, kuko uri umukiriya reka nguhere amafaranga Frw50*
- ✓ *Umucuruzi : murakoze uzagaruke.*
- Fasha abana bese gukina uyu mukino ugenda uhindura umucuruzi n'umuguzi
- Shimira abana bese uti: « Murabikoze mama shenge we ».

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura uko abana bakina umukino w'umuguzi n'umucuruzi bakoresha amagambo birahenze, ntibihenze bakoresheje ibiceri Frw 10, Frw 20, Frw 50 Frw100.



9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*

Gukomeza gukora ibikorwa by'isuku: Gukaraba intoki no kujya mu bwihereho



9:30 - 10:00: Dusangire

Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*



10:00-10:30: Dukinire hanze

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina umupira

- Kora amakipe abiri y'abana.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umupira.
- Ereka abana uko bakina umupira uwuteresheje ikirenge.
- Fatanya n'abana bose gukina umupira.

- Soza igikorwa ushimira abana ko mwakinnye umupira: “murabikoze, mama shenge we”.

Gukina imikino abana bihitiyemo

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo itandukanye nko gusimbuka umugozi, gukina umupira n’ibindi kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n’uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.



10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze

Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Umwitozo: Kuvuga muri make inkuru y’ukwezi

Tujye guhaha iby’iminsi mikuru”.

- Ongerera usomere abana inkuru.
- Saba abana umwe umwe bavuge mu make ibyo bumvise mu nkuru **“Tujye guhaha iby’iminsi mikuru ”.**



10:50- 11:30: Inguni nkunda

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera :

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza bandurura bakanasukura aho bakoreye.



11:30-11: 50: Duhange

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose, kuri iyi saha)

Indirimbo : Nimuze duhange.

Kuririmba indirimbo:Nimushimirwe babyeyi (Buri munsi kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Kuboha umugozi wo gusimbuka

Kora nk'uko wabikoze mu cyumweru gishize.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana baboha umugozi uko babishoboye, ushimira buri wese ko yabashije kuboha umugozi.

Umukino:Gukora ikarita yo kwifuriza inshuti yawe isabukuru nziza

- Tegura udukarita dukoze mu bikarito tungana n’umubare w’abana n’amakaramu y’igiti.
- Shyira abana ku gice cy’uruziga bicaye.
- Bwira abana ko uyu munsu bakora amakarita yo kwifuriza inshuti zabo isabukuru nziza.
- Sobanurira abana ko: “Buri mwana agiye gukora ikarita yo kwifuriza inshuti ye isabukuru nziza”. Yandikaho amagambo ashaka kandi ashushanyiriza inshuti ye ikintu cyiza akunda: urugero nk’ururabo, umutima cyangwa agashusho k’inyamaswa akunda n’ibindi.
- Ha abana udukarita n’amakaramu y’igiti. Shishikariza abana gukora ikarita yo kwifuriza isabukuru nziza.
- Bwira abana ko bashobora kongeramo imitako nk’imirongo, uruziga, cyangwa ikindi cyose bashaka cyatuma amakarita yo kwifuriza isabukuru nziza aba meza.
- Shimira abana ubabwira uti “Mwakoze neza!”



11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga

Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Abarezi bacu baradukunda cyane.

IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

1. Kotnik J, Shmis T. Enhancing the Early Childhood Development System in Yakutia (Russia): Meeting the Challenges. CELE Exch. 2011;
2. Ruzibiza A, Dear E, Ii H. Title of paper Empowering Preschools' Partners in Responsive Parenting Education Skills for Sustaining Early Childhood Development Initiatives in Rwanda: Context, Strategic pathways and Insights.
3. World Bank. Project information document (PID): concept stage report no. PIDC25795. 2018;1-13. Available from: <https://data.worldbank.org/indicator/SI.POV.NAHC?locations=RW>.
4. Republic of Rwanda Ministry of Gender and Family Promotions Minimum Standards and Norms for Early Childhood Development Services in Rwanda. 2016.
5. Early Childhood Development-Basic Concepts MODULE 2 FACILITATOR GUIDE.
6. Neumann MM, Hood M, Neumann DL. The scaffolding of emergent literacy skills in the home environment: A case study. Early Child Educ J. 2009;
7. Evaluation B. Early Childhood Development and Family Services. 2017;(April).
8. Melhuish EC. Early childhood development and education. Early Hum Dev. 1984;9(3):294.
9. Gotsadze T, Karzhaubayeva S. evaluation of Early Child Development and early childhood education in the republic of kazakhstan. 2017.
10. Office of Head Start. The Head Start Child Development and Early Learning Framework: Promoting Positive Outcomes in Early Childhood Programs. Child A Glob J Child Res. 2010;
11. SAF_resources_ecdguidlines.
12. National Association for the Education of Young Children. Learning to read and write: Developmentally appropriate practices for young children. Young Child. 1998;
13. UNICEF. Transforming the Lives of Children in Rwanda: Investing in Family and Community-Centered Services. 2018.
14. Futuru NB. Early Childhood Training Manual for Educators Contents. 2012;1-94.
15. Objectives L, Resources A. Session 1. 3 Child Protection and Early Childhood Development. :1-3.
16. Development I, Development T, Development P, Development MC, Development A, Development A. Understanding human development.
17. Ed BES, Pradesh M, Open B. Bachelor of Special Education. (Secp 01).
18. PRE-PRIMARY NEW REB CURRICULUM-CBC.

19. Module 1 Facilitator' S Guide Understanding Early Childhood Development. 2009;1–2.
20. Unicef. INTEGRATED ECD. 2019. 1–28 p.
21. World Health Organization. Early Childhood: Development and Disability. PsycCRITIQUES [Internet]. 2012;33(8):269. Available from: <http://content.apa.org/reviews/025945>
22. Guide T. Early Childhood Development. 2014;
23. Objectives L. Session 1 . 1 A Rights Perspective on Early Childhood Development.
24. Objectives L. Session 1. 5 Birth Registration as a Support for Early Childhood Development. 1.
25. Education U, Handbook K. Early Childhood Development Kit Guidance.
26. Session 1. 6 The Life Cycle Approach to Early Childhood Development. :20.
27. EARLY_CHILDHOOD_DEVELOPMENT_POLICY_2016.OG.pdf.
28. Objectives L. Session 1. 7 Areas of Cooperation to Support Early Childhood Development. :2–5.
29. Importance of early childhood development. 2011;(March).
30. Health I, Learning E. Session 1. 2 The MTSP and the Importance of Early Childhood Development in the Achievement of Key Results. 2009;2–4.
31. OECD. Encouraging Quality in Early Childhood Education and Care (ECEC). Research brief: parental and community engagement matters. 2010;16. Available from: <http://www.oecd.org/education/school/49322478.pdf>
32. van der Waerden P. Module 1 Dsp Notebook Introduction to Developmental Notebook, D S P [Internet]. 2013;438. Available from: <http://www.dhs.state.il.us/page.aspx?item=50759>
33. DE MOOR JMH, VAN WAESBERGHE BTM, HOSMAN JBL, JAEKEN D, MIEDEMA S. Early intervention for children with developmental disabilities. Int J Rehabil Res. 1993;16(1):23–32.
34. Board E. Advance Copy. Anthropol News. 1994;35(8):10–10.
35. EENEE_AR32_Benefits of early childhood education and care and the conditions for obtaining them.
36. Choi S-H. Cross-sectoral co-ordination in early childhood: some lessons to learn. UNESCO Policy Briefs Early Child. 2003;(9):0–1.
37. Kaur K, Kaur K. How to use this resource? In: Short Wordless Picture Books. 2020. p. 3–
38. Version R. WORKING IN EARLY CHILDHOOD BOOK 1. 2017;

39. de Onis M. Child Growth and Development. Nutrition and Health in a Developing World. 2017. p. 119– 41.
40. Children C on the S of. Child Development and Early Learning: A Foundation for Professional Knowledge and Competencies. Natl Acad Sci Eng Med. 2015;
41. Pre-primary_Teachers_guide-CBC.
42. Janta B, van Belle J, Stewart K. Quality and impact of Centre-based Early Childhood Education and Care. Qual impact Centre-based Early Child Educ Care. 2016;
43. European Commission. Proposal for Key Principles of a Quality Framework for Early Childhood Education and Care. Report of the Working Group on Early Childhood Education and Care under the auspices of the European Commission. 2014;71. Available from: http://ec.europa.eu/education/policy/strategic-framework/archive/documents/ecec-qualityframework_en.pdf
44. NEPS. Children with Language Difficulties in Primary School- Teacher Guidelines & Strategies for InClass Support. 2015;1–14. Available from: <https://www.education.ie/en/SchoolsColleges/Services/National-Educational-Psychological-Service-NEPS-/NEPS-Guides/LanguageSkills/Language-Difficulties-Guidance-for-Teachers-and-Strategies-for-In-Class-Support-Primary.pdf>
45. UNICEF. First 1000 days. The Critical window to ensure that children survive and thrive. 2017;(May):3. Available from: https://www.unicef.org/southafrica/SAF_brief_1000days.pdf
46. Objectives L, Resources A. Session 1 . 4 The Right of Young Children to a Safe and Healthy Environment.
47. Lam C. 亞洲輔導學報 » Parent Education: Revision and Vision. Asian J Couns 2003, Vol10 No2 [Internet]. 2004;10(2):147–68. Available from: http://hkier.fed.cuhk.edu.hk/journal/?page_id=2112
48. Curriculum T, Council D. Guide to the Pre-primary Curriculum. 2006;
49. NECDA - National Parenting Curriculum
50. Hesperian Health Guides. Child development and developmental delay. Disabl Village Child. 2009;292.
51. Devi L. Child development. An Introduction. Vol. 34, Annual review of neuroscience. 1998. 354 p.
52. PearsonSchools. 1 Understanding children' s development. 2015; Available from: <http://www.pearsonschoolsandfecolleges.co.uk/feandvocational/childcare/btec/btecfirstchildrenscarelearninganddevelop/samples/samplematerial/ucd unit 1.pdf>
53. Integrated Ecd Services Delivery Training Manual.

54. Krishnan V, Ph D. Early Child Development: A Conceptual Model * Early Child Development: A Conceptual Model *. 2010;(May):7-9.
55. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ngewe n'umuryango wange .2020. (N1)
56. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Itumanaho n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu. 2020 (N1, N2, N3)
57. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibidukikije kamere n'ibyakoze n'abantu. 2020 (N1, N2, N3)
58. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibiribwa, ibinyobwa n'ibimera, 2020 (N1, N2, N3)
59. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Amatungo.2020 (N1)
60. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibigo n'imirimo ikorerwa aho dutuye.2020 (N1, N2, N3)
61. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Inyamaswa zo mu gasozi. 2020 (N2)
62. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Inyamaswa zo mu mazi.2020 (N3)
63. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ngewe n'umuryango wange .2020. (N2)

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI NYOBORABAREZI

| No | Amazina | Aho akorera/ aturuka |
|-----|----------------------------|--------------------------------|
| 1. | Diane Iradukunda | NCDA |
| 2. | Emmanuel Munyampeta | NCDA |
| 3 | Isaac Bikorimana | NCDA |
| 4. | Ernest Liyatona | NCDA |
| 5. | Jean Paul Nyandwi | NCDA |
| 6. | Jean Léonard Byiringiro | LODA |
| 7. | Jean de Dieu Nabimana | LODA |
| 8. | Charles Ruzindana | LODA |
| 9. | Georgette Mukadepite | Independent recommended by REB |
| 10 | Julienne Mukayirege | REB |
| 11. | Appolinaire Ndayisaba | REB |
| 12. | Sifa Uwera | World Bank |
| 13. | Gerjanne van Ravenhorst | World Bank Consultant |
| 14 | Pauline Mukakinyana | Ecole l'Horizon |
| 15. | Faustin Mbarubukeye | Umuhuza |
| 16. | Ildephonse Hitimana | Imbutu Foundation |
| 17 | Clément Kabiligi | Imbutu Foundation |
| 18 | Anathalie Nyirandagijimana | Imbutu Foundation |
| 19 | Jean Bosco Bayingana | Imbutu Foundation |
| 20 | Ezechiel Hategekimana | Imbutu Foundation |
| 21. | Jean De Dieu Kayiranga | Imbutu Foundation |
| 22. | Felix Hagenimana | Imbutu Foundation |
| 23. | Jackson Vugayabagabo | Imbutu Foundation |
| 24. | Géraldine Umutesi | Imbutu Foundation |
| 25. | Joseph Imanishimwe | Imbutu Foundation |
| 26. | Polie Appoline | Imbutu Foundation |
| 27. | Agnes Uwimbabazi | Imbutu Foundation |
| 28. | Gratia Uwizeye | Imbutu Foundation |
| 29. | Felicien Harerimana | Imbutu Foundation |
| 30. | Egide Ingabire | Imbutu Foundation |

| | | |
|-----|-------------------------------|---------------------|
| 31. | Eloi Rutaganira | Imbuto Foundation |
| 32. | Eugene Safari | Imbuto Foundation |
| 33. | Placidie Mukamana | Imbuto Foundation |
| 34. | Viateur Hategekimana | Imbuto Foundation |
| 35. | Donath Tuyinganyiki | Imbuto Foundation |
| 36. | Annah Kamateneti | Imbuto Foundation |
| 37. | Alphonse Gatera | Imbuto Foundation |
| 38. | Daniella Murekatete | Imbuto Foundation |
| 39. | Martine Umukunzi | Imbuto Foundation |
| 40. | Raissa Giramata | Imbuto Foundation |
| 41. | Rutayisire Chris | Art-Rwanda Ubuhanzi |
| 42. | François Regis Uwemeye Nshuti | Art-Rwanda Ubuhanzi |
| 43. | Nathanael Nkundimana | Art-Rwanda Ubuhanzi |

3

